UBUTUMWA

KU

AMATORERO ARINDWI YO MUGITABO CY'IBYAHISHUWE

By: Dr. Thomas Wade Akins

INDANGA MATEKA

Dr. Thomas Wade Akins

N'inde:

-Yakijijwe akiri umwana w'imyaka itandatu

-Yahamagawe mu murimo w'Imana afite imyaka 15

-Yatangiye kubwiriza ubutumwa bwiza mu matorero no mu nzu z'Abagororwa afite imyaka 15

-Yazi kaminuza ishami ry'indanga mimerere abona impamyabumenyi mucyiciro cya kabiri muri kaminuza ya Louisiana

-Yabonye impamyabumenyi y'ikirenga ya Tewolojiya mu mwaka wa 1968 muri kaminuza yitwa New Orleans Baptist Theological Seminary

-Yabonye impamyabumenyi yo murwego rwa Dogiteri kubijyanye n'imvugabutumwa muri kaminuza ya Southwestern Baptist Theological Seminary mumwaka wa 1998

-Yabaye umushumba mu matorero agera kuri atatu.

-Yabaye umu misiyoneri kuva muri 1986. Muri Vietnam, Brazil nahandi murwego mpuz'Amahanga kuva mumwaka 2000.

-Imana yamukoresheje hamwe n'umufasha we Barbara, mu kwagura uburyo butandukanye bwo gukora Ivuga butumwa,

no gutoza abantu kuba Abigishwa ba Kristo, ndetse no Gutangiza amatorero; izinyigisho zikaba zimaze kwigishwa mw'isi yose mubihugu birenze 64.

-Ubu akaba akorana na Pioneer Missions kucyicyaro gikuru mu mujyi witwa Jackson, Tn. Muri Amerika.

-Umufasha we Barbara H. Akins, bafitanye abana 3 n'Abuzukuru 10 kugeza amagingo aya!

Ushobora kuvugana n'Umwanditsi w'iki gitabo binyuze kurubuga rwa Pioneer Missions!

Web Site: www.pioneermissions.org

IRIBURIRO

Nshishikajwe no kubona Ububyutse buba mw'Itorero mugihe gisa nk'iki. Isi yacu yuzye umwijima. Yesu niwe mucyo w'isi. Itorero ni itabaza riri hagati y'uyu mwijima.

Bityo, icyo twakwibaza ni iki: mbese koko itorero ni itabaza muri iyi si y'umwijima? Itorero rusangi rya Kristo kw'isi yose rikeneye ububyutse.

Kristo arahamagarira itorero kwihana no kumugarukira!

Ubu butumwa bishingiye kunzandiko za Kristo yandikiye amatorero arindwi agaraga mugitabo cy'Ibyahishuwe.

Nitwiga tukanashira mubikorwa icyo ijambo ry'Imana rivuga muri izi nzandiko, ndizera ko umubiri wa Kristo ari ryo Torero ryagira ububyutse Nyakuri.

Soma ubu butumwa, ubwige neza, ubwirize kandi ubwigishe ahashoboka hose. Bwiriza ubu butumwa munsengero. Bwigishe mumashuri ya Bibiliya, no mungo ndetse n'ahandi hose.

Yesu aragukunda

Dr. Thomas Akins

Pioneer Missions: www.pioneermissions.org

Andi mashakiro:

1	Commentary on the Revelation	Dr.John MacArthur
2	Commentary of the Revelation	Dr. Ken Easley. Homan
3	Commentary on the Revelation	Dr. George Ladd. A
4	Letters to the Seven Churches	Dr. John Stott
5	Sermons on the Seven Churches	Dr. Cecil Taylor

IGICE CYA MBERE

GARUKA KU RUKUNDO RWAWE RWA MBERE

ITORERO RYA EFESO

IBYAHISHUWE 2:1-7

IRIBURIRO

Igitabo cy'Ibyahishuwe gitangira kivuga ku matorero arindwi yo kumugabane wa Aziya aboneka mu gihugu cya Turukiya ya none. Aya yari amatorero yo muri icyo gihe.

Ku murongo wa mbere Intumwa y'Imana Yohana yagize iyerekwa ry'ubutumwa bwihariye kuri buri torero muri ayo matorero arindwi.

Kandi, Yesu Kristo niwe mwanditsi nyirizina w'ubu butumwa burindwi.

Ubu butumwa ni ubwa Yesu Kristo.

Inyenyeri zirindwi zisobanura abayobozi b'amatorero arindwi. Azifashe mukiganza cye cy'iburyo, aribyo bisobanura ko ziri munsi y'ububasha bwe.

Na none bisobanura ko we ubwe "agendera hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu". Aya ni amatorero arindwi.

Bityo, Yesu afite ububasha bwose kuri aya matorero kandi ni Umwami wayo uyayoboye.

<u>Iri yerekwa rifite ibice bikurikirana birindwi:</u>

I. <u>Umurwa 2:1b</u>

Efeso yari umurwa wingenzi cyane muri Aziya ntoya. Ubuyobozi bukuru bw'Iroma niho bwari bufite icyicyaro gikuru. Abaturage baho bari hagati ya 250,000 na 500,000.

Bari bafite ikibuga cy'imikino kibasha kwakira abantu banga na 25,000… wari umurwa urangwa n'umudendezo mwinshi cyane cyane mu miyoborere. Nta ngabo z'Abaromo zabaga yo. Uyu murwa wakiraga amarushanwa y'imikino myinshi itandukanye.

Muri Efoso niho habagamo ingoro nkuru y'ikigirwamana cy'abahakana Imana (Diane). Hari ahantu hakomeye cyane (Ibyakozwe n'Intumwa19:27, 35). Muri uyu Murwa w'abantu batubaha Imana, hubatswe ingoro ikomeye cyane, kuburyo abo muri icyogihe bose batangariraga iyo ngoro!

Mugihe cy'impeshi hagombaga gukorwa imyiyerekano y'imikino itandukanye. Gusenga ikigirwamana Diana byarangwaga n'ibyaha. Ubuyobe bwari bukabije. Yari afite ababere manini manini menshi. Abagore benshi basambana nibo bayoboraga gusenga iki kigirwamana Diana.

Ingoro yari yuzuye Abasoresha, n'Abatambyi, n'Abasambanyi, n'Abanyarugomo, n'Abacuranzi, n'Abaziritsi basenga ibigirwamana.

Hagati mu Bantu bameze batya, hari mo itsinda ry'Abakristo babizerwa na Kristo, kandi nibo bandikiwe urwandiko rumwe muri zirindwi zandikiwe Amatorero.

II. <u>Itorero 2:1 (a)</u>

Itorero ryatangiriye mubuzima bumeze butyo.

Itorero ryo muri Efeso ryatangijwe na Prisikila na Akila. Ibi byanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa 18:18-19.

Nyuma y'igihe, umwigisha w'umuhanga mukugabura ibya Kristo witwaga Apolosi yafatanije nabo (18:24-26).

Intumwa Pawulo yafashe akaruhuko gato i Efeso ubwo yari kumusozo w'urugendo rwe rwakabiri rw'Ubumisiyoneri (19-20).

Yakoze umurimo wingenzi cyane murugendo rwe rwa gatatu rw'ubumisiyoneri (19:1-7). Yabaye yo mugihe kingana n' imyaka itatu.

Icyo gihe muri Efeso habaho impagarara nyinshi zitewe n'Inzira yo gukurikira Kristo no kwigomeka ku kigirwamana Diana.

Byatumye isoko ry'ibishushanyo n'ibimenyetso by'ikigirwamana Diana rigabanuka. Ibyakozwe n'Intumwa 19:23-41 havuga inkuru y'umuntu witwaga Demetiriyo wari umuyobozi w'abacuzi bacuraga ibishushanyo mu ifeza. Yateranyije hamwe abakoraga uwo mwuga ababwira ko umwuga wabo uri mu kaga.

Maze haduka imyigaragabyo yo kwamagana Pawulo n'abandi basangiye ukwizera. Umurimo w'Intumwa Pawulo wari wugarijwe n'akaga. Nuko asubiye i Yeruzaremu, ahura n' abakuru bitorero. (20:17-38).

Nyuma ye, Timoteyo ajyayo nk'Umushumba w'Itorero (1Tim. 1:3).

Intumwa Yohana nawe yamaze igihe kirekire cyane muri Efeso, hakaba ariho ashobora kuba yarandikiye urwandiko rwa kabiri n'urwa gatatu.

Yari umuyobozi mbere yuko atabwa muri yombi, nyuma ahungira mu kirwa cya Patimosi gihereye muburengerazuba bwa Efeso, ubu niyo Turukiya ya none.

Iri torero ryari rifite intego yo kugarurira Kristo abatuye umurwa wose.

Nyuma y'imyaka mirongo ine uhereye umunsi Yesu yazutse, Pawulo nabandi bayobozi b'itorero benshi barapfuye.

III. Amagambo akomeza asubizamo intege 2:2-3, 6

Yababwiye amagambo ane abakomeza!

Ni muri ubu buryo Yesu avugana n'Itorero. Atangirana amagambo y'Ishimwe abashimira abakomeza! Maze akababwira ko abazi:

Ijambo ribisobanura neza mu rurimi rw'ikigiriki ni "Oida" risobanura ubumenye bwuzuye mukigero gishitse.

Yesu azi byose. Ibibi n'ibyiza byose arabizi. Atangira avuga ibyo itorero rikora neza bishimwa.

Mbese, n'ib'iki Yesu azi?

A. Icyambere, azi ibyo bakora. Ibi nibyo incama y'ibisobanuro bw'ibindi byose bikurira.

B. Icyakabiri, azi intambwe zabo.
Ibi bisobanura umukozi ukora cyane kugeza kurwego rwo kubira ibyuya no kuruha. Ni umwete n'umurava wuzuye 100%, w'ibyo umuntu agomba kwitanga muburyo bwose bw'umubiri, n'ubwibitekerezo n'ubw'amarangamutima. Abefeso bari abanyamurava kubwa Kristo.

C. Icyagatatu, Azi kwihangana kwabo.

D. Azi ko banze kwihanganira abatubaha Imana. Banyuze mubihe bikomeye cyane hagati y'ibyaha byose by'abatubaha

Imana. Bahuye nabiyise intumwa z'ubwoko bwose butandukanye. Pawulo arababurira mu Byakozwe n'Intumwa 20:28-31 kubijyanye n'ibi bibazo.

Habayeho ababwiriza butumwa n'abigisha benshi baturukaga imihanda yose mw'itorero biyitaga intumwa z'amahoro zoherejwe n'Umwuka Wera ngo kandi bavuga ijambo ry'Imana. Benshi biyitaga Intumwa.

Hari ho amako abiri y'Intumwa.

Abambere bari Intumwa cumi n'ebyiri za Kristo.

Abakabiri, bari intumwa z'atambukaga zihita aribo ba misiyoneri nka Pawulo, na Yakobo, na Barinabasi, na Silasi, na Andurunikasi, na Yuniyasi (Ibyakozwe n'Intumwa 14:14, 1Abakorinto 15:7, Abagalatiya 1:18, Abaroma 16:7.)

Iri tsinda ryakari ryari rifite abahanuzi benshi bibinyoma biyitaga intumwa, nyamara bari bararikiye indamu zabo mucyimbo cyo kugaragaza itorero. Bashishikariraga kuvuguruza inyigisho za Pawulo mw'itorero ry'Ikorinto (2Abakorinto 11:5, 13, 12:11).

Itorero ryari rifite ubushobozi bwo kurobanura ubuhanuzi bw'ukuri n'ubw'ibinyoma. Itsinda rimwe mubahanuzi bibinyoma ryari irya Abanikolayiti.

Abanikolayiti bavurwa kumurongo wa 6. Kand bavurwa no mu rwandiko rwandikiwe itorero ry'iperugamu. Ibyahishuwe 2:12-15.

Ntabwo neza aba Bantu abo aribo cyangwa n'inyigisho bigisha ntituzizi. Ariko, bari bagamije kugerageza kuyobora itorero mubusambanyi no murugomo.

Nyamara, itorero ryanze kuyoboka inyigisho no gukurikiza amategeko y'abanikolayiti. Yakomeje gushimira itorero kubwo kwirinda inyigisho z'ubuyobe, kandi ashima numurava wabo n'umwete wabo.

Na twe ntidushobora kwemera inyigisho z'ubuyobe mu matorero yacyu.

IV. Gugibwaho n'Urubanza (4)

Usibye gushima, Yesu ubwe yatunze urutoki imwe mu ntegenke.

Basigasiye amahame ya Bibiliya kandi babaye abizerwa mu shishikarira gukorera kristo. Bagize urukundo rwa Kristo, mbere y'imyaka mirongwine.

Abefeso 3:17-19 hagira hati: "Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo ubwo mu maze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'uburambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.

Abefesso 6:23 hagira hati: Amahoro abe muri bene Data, n'urukundo rufatanije no kwizera, biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo.

<u>Ikibazo bari bafite n'uko baretse urukundo rwabo rwambere.</u>

Urukundo nirwo rusohoreramo kwumvira. 2 Yohana 6 hagira hati: "Uru ni rwo rukundo: ni uko tugenda dukurikiza

amategeko ye. Itegeko ry'Imana ngiri: ni uko tugendera mu rukundo nkuko mwigishijwe mbere na mbere."

Bashiraga mubikorwa inshingano zabo za gikristo nyamara bagabanyije urukundo rwabo mu Mwami ndetse na urwo bakundanaga bo kuri bo. Bagaragaraga neza kumibiri no mu bwitange, nyamara imbere mu mutima w'itorero hamungwa n'urupfu.

Gushimira:

Mbese, ni iki cyatumye Abakristo batakaza urukundo rwa mbere?

1. Amafaranga no Kwikubiraho—Gukorera amafaranga no kwita ku muryango ni ngombwa. Nta numwe wabitesha agaciro. Ariko, iyo bititondewe wisanga wabyimitse muri wowe. Biteye agahinda cyane kureba umuntu asenya umuryango we bitewe no kuba nyamwigendaho.

2. Kwakirwa mu muryango rusangi—uko bimeze mu ngimbi. Baba bashaka kumenyekana mu nshuti zabo. Urubyiruko rwinshi rwagikristo rwirengagiza imwizerere yarwo kugirango rwemerwe n'abandi mukarere rutuye mo cyangwa ku mashuri rwiga mo.

3. Icyaha cyo mwibanga—Iki cyaha ni icyo kwifuza; bityo, ntanumwe uzabimenya ko wagikoze. Kireka Imana yonyine.

4. Ubushyarire—Iyo ufite uwo wanga mubuzima bwawe, ntugira amahoro. Ntiwabasha kugira amahoro. Ni nka aside yo muri bateri y'imodoka iteretswe kurubaho rwo mu nzu y'ububiko. Iyo imenetse kuri urwo rubaho irarutwika. Uburakari ufitiye abandi, bumunga ubuzima n'umutima wawe.

IKIBAZO: Mbese, urukundo ukunda Kristo ruracyari nku rwambere ugikizwa?

V. Umuti (5)

Yatanze umuti. Yababwiye uburyo basanwa.

A. Ibuka!

Hora wibuka. Ibuka aho warwiriye. Kwibagirwa nibyo bituma iteka ugira integenke mu Mwuka. Ibuka uko byari bimeze ubwo wakizwaga.

Gushira mubikorwa:

Ibuka uko wajyaga murusengero buri cyumweru…ariko ubu siko bimeze…
Ibuka uko wigishaga ijambo ry'Imaba Bibiliya…ariko ubu si ko bikimeze…
Ibuka uko watangaga icyacumi…ariko ubu si ko bimeze…
Ibuka uko wakoreraga Umwami Yesu unezerewe…ariko ubu si ko bimeze…

Kuba Umukristo nyakuri ni uguhora ukunda Yesu. Mbese, ukunda Yesu. Ikimenyetso nyamukuru kigaragaza imiterere y'Umukristo ni URUKUNDO.
Matayo 22:37-38… Iri ni Itegeko riruta ayandi.

Hari ikintu cyabaye cyatumye batakaza urukundo rwabo rwambere!

B. Ihane
Kwihana n'iki? "Guhindura ibitekerezo byawe".
Uhindura icyerekezo cy'ibitekerezo byawe kubijyanye na

aho ugana, ndetse ukanamenya umuyobozi w'ubuzima bwawe.

Ibuka kandi wihane! Iryo ni Itegeko!

Iki ni igikorwa cyo kwanga ibyaha kubushake. Kwihana nuguhindukiza ubuzima bwawe mu kindi cyerekezo. Bityo, ibi ntiwabishobora. Ntabwo ufite imbaraga zo kwihana. Ahubwo ugomba kugira ubushake bwo guhindurwa n'Imana.

Umwuka Wera niwe ugushoboza guhinduka. Ariko, ugomba gukoresha imbaraga zawe zo guhitamo kurwanya ubushake bwa Satani, ukurikire ubushake bw'Imana kubuzima bwawe.

Yavuze ati: "gukora ibikorwa bakoraga mbere." Bisobanura kwibuka urukundo rwa mbere, ihane ugaruke mu rukundo rwa Yesu.

VI. Ingaruka (5)

Yesu asaba ko uhinduka cyangwa uhangane n'ingaruka zo kudahinduka.

<u>Ndaza</u> aho muri kandi zakuraho itabaza ryanyu mugitereko ryajyo, keretse mw'ihanye

Uku si ukugaruka kwa kabiri. Uku ni uguca urubanza kuje mw'itorero. Uku ni ukuburirwa guturutse mw'ijuru kuzana iherezo ry'itorero rya Efeso.

Gushira mubikorwa:

Ni iyihe nkomoko yaho urukundo rwapfiriye? Umuryango utagira urukundo ntabuzima ugira ahubwo uba mw'isi y'umwijima.

Abantu barashaka iki uyu munsi? Bashaka uwabakunda! Urukundo nirwo rwonyine rwubaka itorero ry'ukuri! Itorero rifite abayoboke bakunda Imana by'ukuri bakanakundana ubwabo!

Uyu munsi: Isiramu yasibanganye aho aya matorero 7 yari aherereye. Ntihakibaho! Muri Isiramu ntarukundo rw'Imana n'Abantu rubayo.

Umuntu ashobora kwizera Bibiliya, agakorera Imana murusengero, agakora ibyiza byose, nyamara akareka urukundo rwa mbere.

VII. Inama (7)

Uru rwandiko rusoza ruvuga amagambo akomeza ndetse n'isezerano.

Buri torero rikwiye kumva ubu butumwa.

Isezerano riri muri iki cyanditswe rigaragara no muzindi nzandiko esheshatu: 2:11, 17, 26, 3:5, 12, 21.

Yavuze ati: "Uwuzanesha wese". Isezerano rirareba aba bizeye.

Ngiri isezerano yatanze: "muzarya kugiti cy'ubugingo kiri muri Paradizo y'Imana".

Igiti cy’ubugingo tugisanga mu gitabo cy’Itangiriro 2:9 mu bustana bwa Edeni. Umuntu amaze gukora icyaha, byatume icyo giti kibura. Yari yarabujijwe kukiryaho (Itangiriro 3:22).

Igiti cy’ubugingo bw’ijuru kizahoraho iteka ryose. (Ibyahishuwe 22:2, 14, 19).

Bityo igiti cy’ubugingo ni ikimenyetso cy’ubugingo buhoraho.

Paradizo y’Imana ni mwijuru.

Gusoza:

Niba Waretse urukundo rwawe rwambere:
Ugomba gutekereza ku gikorwa Yesu yakoreye ku musaraba I Karuvari.
Ugomba kureba mu maso ha Yesu wapfiriye ibyaha byawe.
Ugomba kumutakira wihana bituruka kumutima. Ugomba gusuzuma ubugingo bwawe.
Ugomba kwemwegurira ibikugoye byose.
Ugomba kubwira Yesu icyo ukeneye kugirango usubirane urukundo rwawe rwa mbere.
Ibi ugomba kubikora none aha!

IGICE CYA 2

ITORERO RITOTEZWA

Itorero ry'Isimuruna

IBYAHISHUWE 2:8-11

Iriburiro:

Nta muntu uzi uwatangije itorero ry'Isimuruna ndetse n'igihe ryatangiye ntawukizi. Wenda ryatangijwe na bamwe mubakijijwe ku munsi wa pantekoti mugihe batahukaga.

Cyangwa byashoboka ko Pawulo ariwe waritangije mugihe yamaze imyaka itatu muri Efeso ubwo yari murugendo rwe rwagatatu ry'ubumisiyoneri "muri icyo gihe abanya Asiya bose bumvise ijambo ry'Umwami Yesu" (Ibyakozwe n'Intumwa 19:10)

Nta kindi kizwi kuri aba bizera b'Isimuruna uretse itotezwa rya hato na hato ryatumwe Umwami Yesu yohereza uru rwandiko ruto rwihariye, kandi rukaba ari narwo rwandiko rugufi cyane mu nzandiko zose zandikiwe amatorero uko ari arindwi, kugirango rubakomeze mubihe bikomeye barimo.

Muri uru rwandiko, rebamo icyo Umwami Yesu avuga kw'Itorero ritotezwa.

I. Hazaba itotezwa rikorwa n'Abisi (9-10)

Abarwanya iri torero, biyemeje kurihutaza no kuribabaza bikomeye. (v.9)

"Yesu ati: "Nzi amakuba yawe".

Ijambo "amakuba" rimwe na rimwe risobanurwa "Akaga gakomeye," ariko byumvikana cyane iyo risobanuwe nka "umutwaro ujenjagura" (Morris, TNTC 63).

Ni ishusho y'umuntu ujenjagurwa isataburenge yikoreye urusyo kugeza kugupfa (Barclay 7 Churches 36).

Gutotezwa bene ako kageni bikorerwa uwitiriwe izina rya Yesu!

Batotezwaga bazira kuba abakristo.

Itotezwa rikorwa n'Ubuyobozi

Mu mwaka 195 mbere y'ivuka rya Kristo ingoro y'Abaroma y'ikigirwamana cy'ingore, yabaga Iroma, yubatswe yegurirwa i Simuruna.

Mu mwaka wa 25 nyuma y'urupfu rwa Kristo imijyi myinshi muri Asia yahataniraga gushimwa n'Umwami w'Abami w' Iroma witwaga Tiberiyasi. Umujyi w' Isimuruna niwo wegukanye umwanya wambere.

Igitereko cy'Ibwami cyabaga muri uwo mujyi. Abantu bajyagayo bagacyanira imibavu ihumura neza imbere y'igishushanyo.

Abakristo bahakanye gucyanira iyo mibavu ihumura neza.

Kandi bahakanye kwita Kayizari "Nyagasani"

Itotezwa ryakozwe n'Abayuda ryari rikabije cyane.

Ryatangiranye no kubambwa kwa Yesu.

Intego ya Pawulo kwari u kwicya imbaga y'Abakwisto kugeza ubwo yahuye na Kristo.

Nawe ubwe yatotejwe ubutitsa n'Abayuda aho yagezaga ubutumwa hose.

Igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa gisoza kivuga uko ashizwe mu nzu y'imbohe i Roma azira ibirego by'ibinyoma ashinjwa n'Abayuda. (Stott p. 38)

<u>Batotejwe muburyo bune butandukanye:</u>

1. **<u>Ubukene (v. 9)---</u> Ubukene bwakoreshwaga mu gutoteza Abakristo.**

Inkomoko y'umwimerere wiri jambo risobanura ko batari abakene gusa, ahubwo ntibagiraga n'urwara rwo kwishima (Umuhanya).

Umukene ni umuntu udafite ibimuhagije; ariko Umuhanya ntagira nurwo kwishima.

Abanyasimuruna bari "barabaye ibisenzegeri".

Ntibyatewe n'uko bari bananiwe kugira umurimo bakora, ntanubwo byatewe n'ubukungu byazahaye kuburyo batabona icyo gukora.

Ubu bukene bukabije bwatewe nibyago byababayeho kuko bari Abakristo.

Ntabwo bigaragara neza ko Abakristo bakomokaga mubwoko bukenye.

Wenda aba bakiranutsi bakoraga ubucuruzi bukurikiza amategeko, bityo abandi bacuruza muburyo budakurikiza amategeko bakikubiraho isoko ryose ryabaguzi.

Wenda abapagani n'Abayuda b'Isimuruna bangaga guhahirana n'Abakristo bakabima nakandi kazi gasanzwe.

Wenda Abakristo banze gufatanya n'amashyirahamwe y'ubucuruzi maze bibangamira imirimo yabo.

Biragaragara ko intagondwa z'abapagani n'Abayuda banyaze ingo z'Abakristo (nkuko byanditswe mu gitabo cy'Abaheburayo 10:14,34).

Uko biri kose, Abanyasimuruna babikiye ubutunzi bwabo mw'ijuru – nkuko "nawe uri umukire"

Ntawukwiye kuvuga ko itorero rifite ubukire bwo mumwuka, hashingiwe ubukene bw'ibifatika rifite.

Muri iki gihe, bamwe bavuga ubutumwa bigisha ko Ubukristo ari inzira y'ibusamo y'ibisubizo, kumenyekana no kugira ubukire.

“Imana arashaka ko uba umukire,” bakarira. Ibi ntawari kubyemeza Abanyasimuruna ko ari ukuri.

Hari ibihembo mugukorera Yesu, ariko ntibivuze ko biguhindura umukire. Ubutunzi Yesu yasezeranye si ubwahanga kw’isi. Yasobanuraga ubutunzi butari ubwo mw’isi.

Abanyesimuruna bagize amakuba “n’ubukene bukabije” muri iy’isi.

2. Kubeshyerwa (v. 9)---Abakristo bashyinjwaga ibinyoma.

Izina rizwi kandi ryemewe no mumategeko ry’amateraniro y’Abayuda ryari “Amasinagogi y’Umwami,” ariko abarwanyaga itorero rya Kristo bakanarishinja ibinyoma, baryise igikoresho cy’Umwami w’umwijima, “Amasinagogi ya Satani.”

Ibihuha n’amazimwe mu Bayuda yakomeje guhwihwitswa hose, no guharabika Itorero rishinjwa ibinyoma.

Abayuda bamamaje hose ko Abakristo bagirwaho urubanza rw’Ibyaha byamahano bitandatu (Ibyahishuwe 1:98).

A) Kuko Abakristo bigishije inyigisho z’umubiri uribwa n’amaraso anyobwo, abanzi babo bakoresheje igaburo ry’Umwami mugikorwa cy’ubunyamaswa.

B) Kuko abakristo basangiraga ibirori byabo, mukuzirikana ameza y’Umwami, maze bigatuma abanzi babo babashinya

ubusambanyi bukabije.

C) Kuko Abakristo bigishwaga kumaramaza mur'urukunda bakunda Yesu bakarurutisha urwo bakunda ababyeyi babo cyangwa abo bashakanye, maze bigatuma abanzi babo babashinja gusenya imiryango.

D) Abakristo ntibasengaga imana zigaragara kandi ntibunamire ibishushanyo byakozwe n'abatizera, maze bigatuma abanzi babo babashinja ko banze kwemera Imana.

E) Abakristo bahakanye gutwika imibavu ihumura neza imbere ya Kayizari bakanga kumwunamira nk'Umwami, maze bigatuma abanzi babo babashinja kwigomeka.

F) Abakristo babwirije ubutumwa ko Kristo azagaruka mubirimi by,umuriro azanwe no guhora abatemera Imana, maze bigatuma abanzi babo babashinja guteza inkongi z'umuriro.

Ibi birego byose byari ibinyoma, ariko abera b'Isimuruna barabizize babigerekwaho!

Yesu yagize ati: "Nzi" amakuba munyuramo!"

<u>"Nzi"</u> bisobanura ko Yesu yari azi imvo ninzano y'ibyo banyuramo. Yari azi neza uburemere bw'ibibazo barimo kuko nawe ubwe yabinyuzemo.

Niba abantu be bugarijwe n'ubukene, arabizi! Yarutwaga n'iyoni kuko zo zifite inzuri, ntiyagiraga aho kuba ndetse akarutwa n'amasega yo kudusozi tw'ibuyuda. Yagenze ingendo zidashira! (Taylor)

3. Gereza (10)---Abakristo bafungarwa muri gereza (Inzu y'imbohe).

Imijyi nk'Iyerusaremu, Isesiriya, Ibufiripi, n' Iroma yari yuzuye impfungwa (Abagororwa).

4. Urupfu (10)---Abakristo bicwaga ubudasiba.

Abanyasimuruna bari bugarijwe n'amakuba menshi, kandi yajyaga kwiyongera cyane bikomeye.

Ubusanzwe bashinjwaga nabo mukarere baherereyemo, ariko bidatinze barijyaga kurwanywa nogutotezwa n'inzego nkuru z'igihugu.

Umwami w'Abami Diyokrasiya, yari gucura umugambi wo gutsemba uwitwa umukristo wese kw'isi.

Benshi bari gushyirwa munzu zimbohe. Abandi bagakatirwa urupfu rw'iyicyarubozo.

Bari gutabwa mu byobo by'intare abandi bagatungikwa kubiti. Imibiri yabo igahindurwa ibikoresho by'abahigi bahigisha imbwa.

Bari gukarangwa mumavuta bagacanirwaho umuriro bakagurumana nk'ibishyashi bimurika mubustani muminsi mikuru y'Ibwami.

Iri totezwa ryari gukorwa n'abambari, intirimbanyi z'ubutegetsi bw'Iroma, Ariko Umwami Yesu yaburijemo uwo mugambi.

Yagize ati, uwari inyuma y'uyumugambi, yari Satani ubwe.

Sobanukirwa intego nyamukuru. Kubabazwa kugiye kubabaho ntikurusha imbaraga ikiganza cy'Imana. Yakugeneye imbibi (Ellul 131). Kuzababaho kumara "iminsi cumi" gusa (2:10a).

Abasesengura ibyigihe ntibabivugaho kimwe, uko biri kose, igihe cyo kubabara gifite iherezo.

Si satani ufite ijambo ryanyuma, ahubwo ni Imana irifite kubuzima bwa we (Morris, TNTC 64).

Ntizigera yemera ko Abantu be barwegaho nimibabaro irenze imbibi z'umugambi wayo (Taylor)

Uwitwaga Dietrich Bonhoffer yari umupasitori mu itorero rya Abaruteriyani muntambara ya kabiri y'isi. Yanze gushigikira Itireri maze yicwa atungitswe kugiti hari tariki 9/04/1945.

Yasize yanditse agira ati: "Imibabaro n'ink'impeta y'Umukristo nyakuri. Umwigishwa ntaruta Umwigisha we.

II. HARI AMASEZERANO ABIRI YA YESU (10-11)

Ayo masezerano nayahe? N'Abiri:

A. "Nzabambika ikamba ry'ubugingo" …(V. 10).

B. "Ntimuzigera mubabazwa n'urupfu rwakabiri"…(v.11)

Aya masezeraro ashingiye kuri Yesu uwo ari we…A Isezerano ryose riba rishingiye kumiterere ya nyiraryo.

Yakomeje kugaragaza ukuri gutanu kuri Yesu!

1. Ahoraho ibihe byose (8)
Ibyahishuwe 1:8—Arufa na Omega..Itangiriro n'Iherezo

2. Ni Umutsinzi (8)—Yarapfuye arazuka,
Imfunguzo z'urupfu n'ubugingo ziri mubiganza bye…1:18
Ababeburayo 12:14,15 hagira hati yatsinze urupfu na Satani kugirango atubohore ingoyi z'ubwoba n'urupfu.

3. Azi byose (9)
"Nzi amakuba yanyu"…
Azi ubukene bwanyu…
Arakuzi kuko ufitanye ubusabwane bw'ihariye na We.

4. Niwe ugenga byose….(10) "muzamara iminsi cumi mubabazwa…"
Imibabaro ifite iherezo, kandi menya ko Yesu NI WE MUGENGA.

5. Ahorana umugambi iteka..(10).. <u>"wo kubagerageza".</u>
Umugambi we nuwo guhora atweza. "Nkuko izahabu itunganirizwa kugira agaciro, bityo imiriro y'itotezwa ishobora gukomeza ukwizera kwacyu muri Kristo no gusena kamere yacyu". (Yakobo 1:2-4 na 1Petero 1:7), (Stott pp.44-48)

Gusoza:

Uwufite ugutwi, niyumve icyo Umwuka abwira amatorero" (2:11).

Kristo yasabye uguhitamo kwa buri wese wimvise amagambo yavuse kubijyanye no kubabazwa kw'amatorero

(Ellul 127). Yahamagariye Abakiranutsi kuba abizerwa no mugihe cy'imibabaro. Niyihe ikuri imbere?

Itorero ryoherejwe uru rwandiko ryari riri kunyura mu mibabaro hari mukinyejana cyambere, ryari rifite uburenganzira bwo guhitamo kwumvira cyangwa kutumvira, Gushikama kumahame yaryo cyangwa gutezuka.

Igitondo cyo Kuwagatandatu tariki 22 umwezi kwa kabiri mu mwaka wi 155 nyuma y'urupfu rwa Kristo, Polisi yaje gufata umushumba w'itorero rya Simuruna witwaga Polikape.

Bamufashe bamujyana kwa Guverineri bamushinja ko yanze gutamba ibitambo by'imibavu ihumura neza bya Kayizari.

Guverineri yagize ati: "Rahira mw'izina rya Kayizari; wihakane Kristo, urarekurwa."

"Ba umwizerwa mucyimbo cyo kuba Umunyabwoba!" Amagambo y'Umwami we, yumvikanye mumatwi ya Polikapi.

Yanze kwihakana Kristo. "Mu myaka itandatu ndetse umunani namukoreye, kandi ntiyigeze antererana; Byashoboka bite ko nihakana Umwami wanjye wandokoye?"

Abanzi be bamurundanyirije ho inkwi bagamije kumutwika, ariko umuyaga ukomeye uhuha ibirimi byumuriro ntibyagira icyo bimutwara.

Umusirikari amusogota inkota kumutima aramwicya (Stott, Icyo kristo atekereza 41).

Polikapi yumvise ibyo Umwami yavuze kubijyanye n'imibabaro maze ahitamo kuba umwizerwa mucyimbo cyo kuba umunyabwoba.

IGICE CYA 3

Itorero mu bihe bikomeye ndetse n'ahantu hakomeye

Itorero ry'i Perugamo

IBYAHISHUWE 2:12-17

<u>IRIBURIRO</u>

"Ibi birakomeye". Sinabasha kubara inshuro nabwiwe ibi. Hafi buri hose nageraga, aho nabwirije ubutumwa bwiza mubihugu 65 byo kw'isi yose.

Kandi, umufasha wanjye Barbara, kandi nageze ahateye ubwoba mbwiriza ubutumwa bwiza mpugura abayobozi.

Ndetse twashoboye kugera aho Abahisiramu barangije kwicya umupasitori bamuciye umutwe.

Hari igihe urusasu rw'imbunda rwampushije, habuze gato rwagombaga kushwanyaguza umutima, rwapfumuye ivora yimodoka naritwaye.

Igisasu cyatetezwe ni intagondwa za isiramu aho twakoreraga amahurwa yo gutangiza amatorero, maze ruhitana uwari yaduteguriye ayo mahugurwa.

Kw'isi hose, Abakristo bahora mubibazo bikomeye kandi bakanatura ahakomeye. Amagingo aya, Abakristo baricya bakanacyibwa imitwe, barabambwa, amazu yabo n'insengero zigatwikwa. Isi ya none yanga Yesu Kristo n'abayoboke be.
Mur'uru rwandiko ndashaka kubaganiriza uko ibibazo ndetse n'ahantu hakomeye bigaragara mugihe cyo mw'Isezerano Rishya.

Ibi byabereye mumurwa w'Iperigamu. Abakristo banyuze mu bihe bikomeye muri uy'umurwa wuzuye ubusambanyi.

Itorero ry'Iperigamu ryari rihanganye n'imigenzo y'idini n'ingeso mbi zo mw'Isi.

Bahozwaga kugahato gaturuka imbere mw'Itorero no mw'Isi, bahatirwa kugoreka amahame remezo y'imyizerere ya Bibiliya ndetse no kureka indangagacyiro za yo.

Hari ubuyobe bwinshi hose. (Stott p.49).

Ububi bw'isi bwari bukabije. Ububi bw'isi n'uguhugira mu bintu bizarimbuka mucyimbo cyo guhugira mubizahoraho iteka ryose. (JM).

Abaroma 12:2 haragira hati: "Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima

mishya, kugirango mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose".

TTito 2:12 haragira hati: "Bututwigisha kureka kutubaha Imana n'irari ry'isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka twubaha Imana mu gihe cya none".

Yakobo 1:27 haragira hati: "Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y'Imana Data wa twese ni iri: ni ugusura impfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, no kwirinda kutanduzwa n'iby'isi.

1 Yohana 2:15-17 haragira hati: "Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri ari n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashira no kwifuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose.

I. UMWANDITSI W'URU RWANDIKO …Yesu Kristo

Uru rwandiko rwanditse na Yesu arwandikira itorero rya Perugamo (2:12).

Intumwa Yohana niwe wakoreshejwe kugirango rwandikwe. Bityo, Kristo niwe wamubwiye ibyo yandika, Yesu rero niwe nyir'urwandiko nyirizina.

We ubwe Yivuze yisobanura ko ari "Inkota ifite ubugi imbande zombi". Inkota y'Umwuka Wera ifite ubugi impande zombi.

Impande zombi ni:

1. **Uruhande rwo kwemera icyaha**

Bibiliya ifite imbaraga nk'iz'inkota. Ijambo ry'Imana ribangukira kumenya ibyo umutimanama wibwira. Ritumara impaka. Rigararagaza ibyaha byacu. Kandi ryicya imyizerere ipfuye.

> **Abaheburayo 4:12 hagira hati: "Kuko Ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo ndetse n'umusokoro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambira.**

Iy'inkota y'ubugi imbande zombi yaturutse mukanwa ke. Ibyahishuwe 1:16 hagira hati: "Mu kuboko kwe kw'iburyo yari afashe inyenyeri ndwi, mu kanwa ke havamo inkota ityaye ifite ubugi impande zombi. Mu maso he hari hameze nk'izuba iyo rityaye.

Yesu ni we Jambo ry'Imana. Ibyahishuwe 19:13 hagira hati: "Yambaye umwenda winitswe mu maraso kandi yitwa Jambo ry'Imana.

2. **Uruhande rw'Urubanza**

Uyu munsi, Inkota y'Umwami ni ukwemeza abantu ibyaha byabo no kugarurira Kristo uwazimiye.

Nuko, hari umunsi INKOTA izahindura uburyo bwo gukora. Mucyimbo cyo kwemeza ibyaha izahinduka iyo guca urubanza.

Muyandi magambo, Ijambo rya Kristo rikiza ni naryo rizaca urubanza.

Yohana 12:47-48 hagira hati: "Ariko umuntu niyumva amagambo yanjye ntayitondere, si jye umuciriyeho iteka, kuko ntazanywe no gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo naje kubakiza. Unyanga ntiyemere amagambo yanjye afite umuciraho iteka. Ijambo navuze ni ryo rizamuciraho iteka ku munsi w'imperuka." (Stott pp.60-61)

II. UMURWA WA PERUGAMO (2:12)

Itorero ryari mu murwa w'I Perugamo. Amagingo aya, uyu murwa uri muri Turukiya kandi witwa Berigama.

Perugamo ryari ihuriro rikomeye cyane ryo gukorera mo ibyaha. Perugamo iherereye ku birometero hafi 80 mu majyaruguru ya Siriya.

Uyu murwa wari wubatse kugasozi nyaburanga gafite ubujya ruguru bw'inyanja bupima 1,000. Bimwe mu byari biwugize ni isomero rifite ibitabo bigera ku bihumbi 200,000. (JM).

<u>Intebe y'Ubwami bwa Satani</u>

Yesu yavuze inshuri ebyiri ari: Perugamo yari "icyicyari gikuru cya Satani". Yari "Indiri y'ikuzimu". (Taylor).

Yesu yagize ati: “Nzi aho ubu ko ari ho intebe y’ubwami bwa Satani iri (umurongo wa 13). Satani yari atuye i Perugamo kandi akanahayobora. Satani ni we yari isoko y’ibi byahakorerwaga. (Stott p.58).

Muri Yohana 12:31 Yesu atwereka Satani na imbaraga ze. Yesu yamwise “Umutware w’ab’iyi si”.

Intumwa Pawulo itugira inama kubijya na Satani.

Abefeso 2:2 hagira hati: “…ibyo mwagenderagamo kera mukurikiza imigenzo y’iyi si, mugakurikiza umwami utegeka ikirere, ari we mwuka ukorera mu batumvira”.

Mu Abefeso 6:12 Pawulo amwita “umutegetsi w’ubwami bw’ahantu ho mukirere”.

Umurwa w’i Perugamo wari ufite insengoro nyinshi, ibitereko, ibicaniro ndetse na inyigisho zo guhakana Kristo. Ariko, Satani yigaragazaga cyane mukuramya Kayizari wari Umwami ukomeye w’Iroma. (Stott p.59).

Satani yari umutware. Ni umubeshi. Ni umubisha. Ni umuhanuzi w’ibinyoma. Uyu muhanizi w’ibinyoma ntiyigeze apfa. Kugeza amagingo aya, atuye hagati yacyu. Ni we mwuka mubi uhakana Kristo.

> **Perugamo yari ihuriro ry’amateraniro y’ubuyobe atandukanye agera kuri atanu:**
>
> **<u>1.</u> Zewusi yari se w’ibigirwamana by’Abagiriki. Habagaho agasozi kareshya n’intambwe 1000 ibujya hejuru uturutse kunyanja ngari. Kumpinga yako gasozi habagaho igicaniro cy’ikigirwamana Zewusi. Igicaniro cyari giteretse kurutare ahirengeye umusozi hareshya n’intambwe 800.**

Iki gicaniro nicyo cyari gikomeye muruwo murwa. Cyareshaga n'intambwe 20 z'uburebure. Cyahoragaho ibitambo byotswa bitambirwa ibigirwamana umunsi ukira.

Cyari gikomeye cyane muri Perugamo kuburyo cyitwaga ko ariho intebe y'ubwami bwa Satani iri. (Taylor).

2. **Asikaripiyosi – Cyari ikigirwamana cyo gukira cy'Abagiriki. Abantu bazaga baturutse impande zose zo kw'isi baza gukirira indwara mu ngoro ye.**

   Yari inzoka y'ingore yo gukiza indwara. Perugamo hari hamamaye cyane kubibyo gukiza indwara. (Ladd).

   Ikiranga ntego cya Asikaripiyosi cyari inzoka. Inzoka yakururukaga hejuru yabantu barambaraye hasi.

   Bizeraga ko inzoka yoherejwe n'ikigirwamana Asikaripiyosi; bityo ngo iramutse ibakozeho, bari bukire. Kuva mu busitani Edeni, inzoka yari ikimenyetso cya Satani. (Taylor).

<u>3</u>. Diyoniyusi---Cyari ikigirwamana cya vino n'abagore na muzika

<u>4</u>. Atene-cyari ikigirwamana cy'ingore cy'intambara

<u>5.</u> Gusenga umwami w'abami

Ikigirwamana kindi kimwe muribi, nuko i Roma basengaga ubuyobe bw'umwami w'abami w'i Roma.

Perugamo wari umwuga wambere muri Aziya wazamuraga gusenga umwami. Gusenga umwami cyari ikizamini cy'ubunyangamugayo i Roma. Kwanga gusenga umwami byari ubwigomeke kugihugu. (Ladd).

Imyaka makumyabiri n'itanu mbere y'ivuka rya Kristo abaturage b'i Perugamo bahabwaga uburenganzira bwo kubaka urusengero no kurwegurira Kayizari Ogustino.

Gusenga umutware byari bifite icyicyaro gikuru i Perugamo. Abakristo bemeraga ko gusenga Kayizari bihwanye no gusenga Satani. Bityo, uru rwandiko rwandikiwe itorero ryakandamijwe n'ubuyobe. (Stott. P. 50-51).

Abakristo bari bari mugahato hose mugihugu no mw'idini ngo batere umugongo kristo basubire mu ngeso z'abapagani.

Satani ategeka ibice bimwe na bimwe byo kw'isi. Niko byari bimeze i Perugamo.

III. GUHIMBAZA KRISTO (Verse 13)

Kristo yatangiranye aya magmbo murwandiko rwe, "Nzi aho uba". (v.13)

Aragaragaza mu mvugo ye ko azi Abakristo b'i Perugamo ko bari mukaga gakomeye cyane. Bari bakikijwe n'Abapagani n'Ubuyobe no kwunamira umwami wategekaga.

Yesu atangirana amagambo akomeza itorero. Yashimye iritorero agira ati: "Nyamara ugakomeza izina ryanjye ntiwihakane kunyizera". (v. 13).

Kugundira no gukomera mu kuri k'ubutumwa bwiza nibyo byingenzi Yesu Kristo yifuza. Ntidukwiye kumukunda gusa, ahubwo twemera gutotezwa kubwe, Kandi tugomba kwubakira ku ukuri kw'Ijmbo rye. (Stott. P.51).

Umutwe w'uru rwandiko ni ukurinda ukuri no kwamamaza ukuri muri iyi minsi tunyura mubihe bikomeye.

Abakristo bashobora kudahuza kubijyanye no kwizera kw'Abakristo.

Ukobiri kose, hari ihuriro inshingiro ry'amahame ATATU z'ukuri kwo kwizera kutanyeganyezwa.

Aya mahame atatu ni ayahe?

1. <u>Ukuri kubyerekeye Kristo. Kristo ni Imana! Ntitwabasha guhindura uku kuri!</u>

<u>Yesu Kristo ni inde? Iki n'ikibazo cy'ingenzi buri kiremwa muntu yibaza. KWISTO NI IMANA. Ni Imana iri kumwe na twe! Emanweri!</u>

Aya namagambo adakuka. Guhakana ko Yesu ari "Kristo waje yambaye umubiri" ni Antikristo.

Kubwiriza ubundi butumwa butavuga ko Yesu ari Imana yambaye umubiri kandi akaba ari we UMWAMI N'UMUKIZA, ni umuhakanyi.

1Yohana 2:22 haragira hati: Mbese umunyabinyoma ni nde, keretsi uhakana ko Yesu Atari Kristo? Uhakana Data wa twese n'Umana we, ni we Antikristo.

1Yohana 4:2 haragira hati: "Iki abe ari cyo kibamenyesha Umwuka w'Imana: umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo yaje afite umubiri ni wo wavuye ku Mana; ariko umwuka wose utavuga Yesu utyo ntiwavuye ku Mana, ahubwo ni umwuka wa Antikristo…."

<u>2. Ukuri kubijyanye n'Agakiza. Nti tuzigera duhindura uku kuri.</u>

Ubukristo ni Kristo. Kristo n'Umwami n'Umukiza.

Ubugingo buhoraho n'ukumenya Yesu Kristo mubuzima bwawe. Yohana 17:3 haragira hati: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana yukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo."

Kumumenya bisobanura ko uba ufite ubusabane bwihariye na Kristo mu mutima wawe.

Ubutumwa bwiza bukubiye mu bintu bitata nkuko byanditswe mu 1Abakorinto 15:1-4

1. **Yesu yapfiriye ibyaha byacu. Benshi bavuga ko ubutumwa bwiza ari "Yesu wapfuye". Hoya! Bose**

bazapfa. Ubutumwa bwiza ni uko Yesu "<u>yapfiriye ibyaha byacu</u>"

2. **Yarahambwe. Muyandi magambo, bisobanura ko yapfuye.**
3. **Yazutse ku munsi ugira gatatu.**

Imbaga nyamwinshi mw'isi bizera ko inzira igana mw'ijuru ari ukubaho ubuzima bwiza. Niba ibyo ari ukuri, kuki twaba dukeneye Umukiza.

Bibiriya yigisha ko ikiguzi cy'ibyaha Imana yemera ni "urupfu rubanjirijwe no kumena amaraso".

Icyo nicyo kiguzi cyemerwa n'Imana. Abaroma 6:23 hagira hati: Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu kristo Umwami wacu. Ukuri ni uko twese turi abanyabyaha kandi hari ikiguzi cy'icyaha.

Ubutumwa bwiza ni uko Kristo yapfuye, yamenye amaraso ye kubw'ibyaha byacu twakoze. Yapfuye mucyimbo cyacu. Yishyuye imyenda yacu yose. Maze ahambwa mumva azuka kumunsi ugira gatatu.

1 Petero 1:18-19 hagira hati: " Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe nab a sekuruza banyu, Atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo".

1 Petero 2:24 hagira hati: "Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugirango dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije.

Umuntu akizwa ate? Agomba kwakira Kristo mu bugingo bwe. Gute?

Muri rwandiko rwa Mariko 1:15, "Kwihana no kwizera".

Kwihana bisobanura "guhindura ibitekerezo byawe". Hindura ibitekerezo utekereze uwo ugiye gutegeka ubuzima bwawe. Atura ko wagenderaga mu byaha none urashaka ko Yesu Kristo aguhindura akanayobora ubuzima bwawe.

Ntiwabasha kwikiza mubushobozi no mu mbaraga zawe. Ugomba kwemerera Kristo akore umurimo wo guhindura ubuzima bwawe. Mbese, "Witeguye kwemerera Kristo akuyobore kandi akugenere ibikwiye mu bugingo bwawe"?

Ubusobanuro bwo kwizera ni ukwemera udashidika ukuri kw'ijambo rya Yesu. Ugomba kugira umwihariko wo "kwizera mu mutima wawe". Umutima wizeye ni <u>kwegurira</u> Kristo ubuzima bwawe.

Ugamba kwizera ko Yesu ari Umwami kandi ari we umukiza wawe RUKUMBI. Si inzira imwe gusa ahubwo ninzira imwe rukumbi yo gukirizwamo. Yesu niwe wapfiriye ibyaha byawe, yahambwe akazuka. Yesu wenyine niwe ukiza! Na Satani arabyizera!

Nuko rero, kugirango ube Umukristo hagomba kubaho <u>kwihana ibyaha no kwegurira UMWAMI Yesu ubugingo bwawe.</u>

Abaroma 10:9 hagira hati: "Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa".

Bibiliya ntiyigeze ivuga kwakira Yesu nk'umukiza wawe. NI WE Mukiza wacu rukumbi. Yapfiriye ibyaha byacu. Yesu

yabaye impongano y'ibyaha byacu. Agakiza n'Impano y'ubuntu yatanzwe kubwa buri wese.

Bibiliya ivuga ko ugomba kwegirira ubuzima bwawe Umwami Yesu ugakizwa. Ntibihagije kuvuga ko wizera Yesu. Ugomba kwiringira Yesu ukamwegurira ubuzima bwawe.

Mbese, ni Yesu uzagenga ubuzima bwawe cyangwa ni wowe kugiti cyawe. Aho niho hari ipfundo ry'ubuzima!

3. <u>Ukuri kujyanye n'Ukwera. Uku ni ukuri kudakuka.</u>

Inshingiro y'ukuri kwa gatatu ridakuka ni ihame remezo. Mu yandi magambo, "imibereho yawe imera ite nyuma yo kwakira Kristo. Ni ukubaho ubuzima bwo kwera. (Stott p. 57).

Ubuzima bw'Umukristo bukubiye mu bice bibiri:

1. **Kwizera – Yesu Kristo uwariwe n'ibikorwa bye.**
2. **Imibereho – ubuzima bwo gukiranuka.**

Bamwe batekereza ko iyo bamaze gukizwa bashobora kwisubirira mubyo bahozemo bagakomeza kubaho bacumura kuko bazi ko bakijijwe.

Ubundi, kwakira Kristo no maze ugakomeza gucumura uba wihakanye Yesu. Uwumeze utyo aba atarakizwa byukuri. Dukizwa "ibyaha". Tumaze gukizwa dushobora gucumura tutabigambiriye, nyamara ntitwifuza kubaho ubuzima bw'ibyaha, cyangwa mu mwijima cyangwa muruhande rwa Satani.

Guhaka ko Yesu ari we Kristo, ni ukuba umunyabinyoma. Kwamamaza ko tumuzi nk'Umwami, ariko tukarenga kumategeko ye nabyo tuba tubesha.

1 Yohana 2:4 hagira hati: “Uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko ye, ni umubebeshyi, ukuri ntikuri muri we.

Umurongo wa 22 uravuga ngo: “Mbese umunyabinyoma ni nde, keretse uhakana ko Yesu atari Kristo? Uhakana Data wa twese n’Umwana we, ni we Antikristo.

Umurwa wa Perugamo wari wuzuye akaga no n’amakuba akomeye cyane k’Umukristo wese wizeraga aya mahame nshingiro y’ukuri uko ari atatu.

I Perugamo habagayo umukristo witwaga Antipa. Yabaye ikirangirire cyane kubwo kwicwa ahowe guhamya Kristo.

Antipa Uwahowe Kristo

Umurongo wa 13 utubwira inkuru ya Antipa. Yari umunye torero. Nta byinshi tumuzi ho uretse izina rye Antipa wakomeje kuba umwizerwa kuri Kristo kugeza ubwo yishwe aribyo azize.

Biroroshe kumenya ibyabaye. Birashoboka kuba yari yarahamagawe kwitaba ibirego bamuregaga imbere ya Guverineri w’Intara wari utuye i Perugamo. Kandi uyu Guverineri niwe wari umuyobozi mukuru w’abasenga Kayizari.

Icyo Antipa yasabwe gukora kwari ugusuka imibavu mikeya ihumura neza kugicaniro maze akatura ati, “Kayizari n’Umwami”. Bityo akarekurwa.

Ahubwo, yaturaga ko Yesu ari Umwami.

Abafilipi 2:9-11 niho hagira hati: “Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose, kugirango amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay’ibyo mu ijuru, cyangwa ay’ibyo mu isi, cyangwa ari ibyo munsi y’isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe”.

Antipa yagize ubutwari. Ntiyabasha kwatura ko Kayizari ari Umwami. Ahindurwa icyamamare cya Kristo. (Stott p. 52-53)

Yesu ati: “Nzi ah uba ko ari ho intebe y’ubwami bwa Satani iri, nyamara ugakomeza izina ryanjye ntiwihakane kunyizera, …(v.13). Yesu ashima cyane itorero avuga ko ritigeze ricogora kumwizera.

IV. AMAGAMBO YA YESU ACA URUBANZA (V. 14-15).

Umurongo wa 14, “Ariko rero mfite bike nkugaya: kuko iwanyu ufite abakomeza inyigisho za Balamu”.

Umurongo wa 15, “Ufite abakomeza inyigisho z’Abanikolayiti”.

<u>Imirongo 14-15 y’Abanikolayiti n’Ababalamu</u>

Hariho imirwi ibiri yigishaga inyigisho z’ubuyobe zishingiye kumyizerere ipfuye.

Inzobere mumasomo ya bibiliya bemeza ko aya matsinda yombi yigishaga inyigisho zimwe. Abanikolayiti bari bahari no muri Efeso.

Ubuyobe bwa mbwere bwari inyigisho za Balamu.

Baramu yari umuhanuzi uvurwa mugitabo cyo Kubara 22:25.

Balaki yari Umwami w'igihugu cya Mohabu. Mohabu cyari igihugu giherereye iburasirazuba bw'ikiyaga cya Yorodani. Isirarayeri yari iherereye iburengerazuba. Abisirayeri bari hafi yo kwambuka binjira mugihugu cy'Isezerano.

Mu rwandiko rwa 2 Petero 2:15 na Yuda 11, Baraki yahaye Umuhanuzi Balamu ibiguzi byo gukiranirwa kugirango avume ubwoko bw'Abisirayeri. Balamu yatsinzwe n'icyaha cyo kurarikira.

Burigihe ubwo Baramu yabumburaga akanwa ke agirango avume Isirayeri, yisangaga urumi rwe rurimo ruhanura umugisha mucyimbo cy'umuvumo.

Bityo, Balamu yigira inama yo kwigisha Umwami Baraki kugaburira Abisirayeri intonorano, kandi banakoreshwe ubusambanyi bw'indenga kamere.

Baraki yatoranyije abakobwa beza b'Abamowabu akabazanira Abagabo bab'Isirayeri. Kugirango basambane nabo, bacumure imbere y'amaso y'Umwami Mana, bityo uburakari bwayo bubamanukire.

Kumurongo wa 14, "Baramu… wigishije Baraki gushyira igisitaza imbere y'Abisirayeri kugirango barye intonorano kandi basambane. Kubara 25 na 31:16

Uwo mugambi wakozwe nkuko wateguwe. Imana yahanye Isirayeri. Abantu bagera kuri 24,000 barapfuye (Kubara 25:9). Benshi muri bo bari abayobozi. (Kubara 25:4-5).

Mu rwandiko rwa Yuda 10-11 abantu bamwe bo murusengero baririkiye gukora nk'ibyo abadakijijwe bakora.

Yuda 10-11 hagira hati: “Ariko abo Bantu batuka ibyo batazi ndetse n’ibyo bazi, babwirijwe na kamere yabo barabyiyononesha n’inyamaswa zitagira ubwenge. Bazabona ishyano kuko bagendeye mu nzira ya Kayini, bagahomboka birukanka batirinda, bakiroha mu cyaha cya Balamu bohejwe n’ibiguzi, bakarimbukira mubugome bwa Kora.

Petero acyaha abayoboke ba Balamu.

2 Petero 2:15-16 hagira hati: “Barete inzira igororotse barayoba, bakurikiza inzira ya Balamu mwene Bewori wakunze ibiguzi byo gukiranirwa, ariko ahanwa ubugome bwe ubwo indogobe itavuga yavugaga ijwi ry’umuntu, ikabuza ibisazi by’uwo muhanuzi”.

Mu murwa w’i Perugamo bamwe bakurikizaga inyigisho za Balamu. Bajyaga mu nama z’abanyabyaha kandi bagasamba maze bagakomeza no kujya mu materaniro y’Abakristo. (JM).

Balamu ni ikimenyetso cy’abashyishikaye ibyo gukiranirwa ndetse n’ubusambanyi.

Ubuyobe bwa kabiri bwari bushingiye kunyigisho z’Abanikolayiti.

Inyigisho z’Abanikolayiti zari zimeze kimwe n’inyigisho za Balamu. Bimakaje kugoreka ukuri no guha imyizerere y’ibinyoma umwanya no gusambana.

Bizeraga ko gukizwa bibahesha umudendezo wo gukora ibyaha.

Yuda 4 havuga ko bamwe bari bafite “bamwe baseseye mw’Itorero” rwihishwa bagenewe kera gucirwa ho iteka: ni abantu batubaha Imana, bahindura ubuntu bw’Imana yacu

isoni nke, bakihakana Yesu Kristo ari we wenyine Databuja n'Umwami wacu".

Iki kibazo cy'Abanikolayiki cyari kiri no mw'Itorero ryo muri Efeso, ariko nkuko byanditswe mu Ibyahishuwe 2:3 " bangaga imirimo y'Abanikolayiti".

Nuko, ibyo bangaga i Efeso byahawe umwanya i Perugamo.

V. ITEGEKO RYA KRISTO(V. 16)

Yesu yavuze ati: "Nuko wihane kuko nutihana nzaza aho uri vuba, ndwanye abo mbatikure inkota yo mu kanwa kanjye."

Umurongo wa 16 – Yesu ahamagarira itorero "kwihana".

Itorero ntirigomba kwihanganira abateshuka ku kuri kwamahame nshingiro yo kwizera kwa Gikristo.

1. **Ukuri kwa Yesu Kristo**
2. **Ukuri kw'Agakiza**
3. **Ukiri kwo Kwera**

Urundi rugero rugaragaza uko itorero ryaretse ukuri ni mw'Itorero ry'Ikorinto.

Itorero ry'Ikorinto ryaretse ukuri, bahaye umudendezo umunyetorero wasambanye n'umubyeyi we. Baretse ukuri kwo Kwera. Birengagije ihame nshingiro ryo kwizera kw'Umukristo.

Intumwa Pawulo yagize ari: "Kwirata kwanyu si kwiza. Ntimuzi yuko agasemburo gake gatubura irobe ryose? Nuko nimwiyezeho umusembura wa kera kugira ngo mube irobe rishya" (1 Abakorinto 5:6-7).

Itorero rya Kristo rigomba kwihana niba rigaragaweho guteshuka ku ukuri.

Kwihana bisobanura ngo ni, "Guhindura ibitekerezo". Bisobanura ko ari uguhindura imitekerereze na imyizerere na imibereho.

VI. IMBANO ESHATU ZA KRISTO AHA ABIZERA (V. 17).

Intwaro imwe rukumbi ishobora kunesha imbaraga z'ubuyobe ni Yesu Kristo N'Ijambo ry'Imana.

Mu rwandiko rwa Yohana 14:3, Yesu yagize ati: "Ni jye Nzira n'UKURI, n'Ubugingo" … Si ukuri kutuzuye, ahubwo ni UKURI KUZIMA. Ibyo Yesu yavuze n'ibyo yakoze byose ni ukuri kwuzuye.

Yesu Kristo niwe gipimo cyacu cy'ukuri. Umuntu cyangwa igitekerezo cyangwa ikintu cyose gihakana Yesu, ntikiba ari ukuri.

Kristo agaragaza ibihembo by'Abazanesha ikinyoma n'ikibi bakizera ukuri.

Ku murongo wa 17, Yesu agira ati: "Unesha nzamuha kuri manu yahishwe, muhe n'ibuye ryera ryanditsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese keretse urihabwa".

Atugororera impano eshatu z'agaciro kanini: Manu ihishwe, n'ibuye ryera, n'izina rishya.

Manu ihishwe

Manu yari umutsima uryohereye nk'ubuki, niwo Imana yagaburiye Abisirayeri mugihe bari bashonje mubutayu. (Kuva 18:14)

Usomye muri Kuva 16:32-34 no mu Abaheburayo 9:4 mw'isanduka y'isezerano harimo urwabya rw'izahabu rurimo manu y'urwibutso.

Manu ihishwe niyo isobanura Yesu Kristo, kuko niwe mutsima w'ubugingo. (Yohana 6:31-35, 48-51).

Manu ihishwe ni ikimenyetso cy'imigisha yose yo kumenya Kristo. (Abefeso1:3)

Ibuye Ryera

Nta muntu uzi neza icyo bisobanura.

Bityo, Byari umuco w'Abaroma guhemba ibuye ryera uwatsinze amarushanwa ngororangingo. Ibuye ryera ryandikwagaho izina ry'uwutsinze amarushanwa. Bityo, agashobora kwemerwa kujya mumyiyerekano rusangi. Ni ikimenyetso cyo kwemerwa kwinjira mubirori bikuru by'Umwami mwijuru. (Ladd).

IZINA RISHYA

Hazabaho izina rishya rizaba ryanditswe kw'ibuye kandi ntanumwe urizi kireka uwakiriye iryo buye. Izina rishya rizaba ari icyemezo gihesha uburenganzira bwo kwinjira mubugingo bw'iteka ryose. (JM).

Bityo, uwuhagarera yemye akirinda agakomeza ukuri, niwe uzahembwa.

Uwo muntu aba afite YESU. Iyo ufite Yesu, uba ufite ubugingo buhoraho ITEKA.

Umuntu ufite Yesu, aba afite ubugingo buhoraho bwuzuye umunezero n'amahoro. Kandi azagira ubugingo buhoraho hamwe na Kristo mw'Ijuru nyuma y'urupfu. Afite manu ihishwe, "Yesu", Ibuye Ryera, "Yesu" icyemezo cy'ijuru n'izina rishya muri "Yesu".

Gusoza:

Mu myaka 250 nyuma y'urupfu, no kuzuka, no Gusubira mw'ijuru kwa Yesu Kristo, Ubwami bw'Abaroma bwatoteje Itorero cyane.

Mu myaka 313 nyuma ya Kristo, habayeho Umwami w'Abaroma witwaga Constantine. Yakoresheje itegeko ryitwa "Edict of Milan" ryo guhagarika itotezwa iryariryo ryose ryakorerwaga Abakristo.

Ubukristo yabuhinduye imyizerere y'idini ry'Iroma. Ibi byangirije ukuri kw'itorero rya Kristo. Abakristo bayobowe n'umutambyi utigeze uvuka ubwakabiri. Ingoro z'imigenzo ya gipagani, ihinduka insengero. Imihango n'imigenzo ipfuye y'ubuyobe ihinduka iy'Abakristo.

Ubukristo ntibwakomeje kuba ubusabane bwihariye bw'umuntu kugiti cye na Yesu Kristo, ahubwo byahindutse biba idini rya Reta. Itorero ryavanze icyerekezo cya Kristo, rihinduka politiki. (JM)

Imigenzo y'Isi yinjijwe mw'Itorero.

Kugeza amagingo aya Itorero rya Kristo rizahajwe n'imigenzo y'Isi. Kugeza uyu munsi, Amatorero menshi ntakigendera kumahame y'ukuri ya Bibiliya, ahubwo ashingiye kw'irari ry'isi rikurura abayoboke.

Abapasitori benshi ntibakibwiriza kwihana ibyaha, cyangwa umunsi w'imanza w'Imana, cyangwa umuriro utazima. Kandi, amatorero menshi yemeye gushingira umugabo ku mugabo, n'umugore kumugore.

Umurimo wa Satani ni ugukwirakwiza ibinyoma n'imyizerere ipfuye.

Twahamagariwe kurinda ibyo kwizera abera bahawe rimwe, bakazageza iteka ryose". (1Timoteyo 6:20, Yuda 3).

Tugomba kurinda ibyo twabikijwe murukundo. (Stott p. 64).

Intambara dusangiye amagingo aya, ni guhagarara twemye muri Kristo ndetse no mugihe cy'amakuba. Kristo azaduhemba! Iryo ni isezerano yaduhaye! Kandi azasohoza isezerano rye. Mbese, ushobora kwemerera Kristo ukavuga aya magambo, "Mwami ngirira ubuntu bwo guhagarara nemye mu kwizera no kugukurikira igihe cyose".

IGICE CYA 4

ITORERO RY'ABAHAKANYI

ITORERO RY'I TUWATIRA

IBYAHISHUWE 2:18-29

Iriburiro:

Iyi niyo baruwa ndende kurusha ayandi mu mabaruwa arindwi. Nta muntu n'umwe uzi igihe iri torero ryatangiriye cyangwa uwaritangije. Intumwa Pawulo yakoreye mu nkengero z'umurwa wa Efeso mu gihe kingana n'imyaka itatu, iri torero rishobora kuba ryaratangiye muri icyo gihe. (Ibyakozwe n'intumwa 19:10).

Igihe intumwa Pawulo yabwirizaga ubutumwa mu bafilipi,(Ibyakozwe n'intumwa 16) umwe mu bantu ba mbere bizeye ubutumwa bwiza ni umugore witwaga Lidiya. Yakomokaga mu mu murwa wa Tuwatira. Birashoboka ko ariwe muntu waba waratangije itorero ahongaho.

Urebye igihe iri torero ryatangiriye, uwaritangiye yahuye n'ibibazo bikomeye kuko ryari itorero ririmo ubuhakanyi.

Bari bafite imyizerere shingiro ya gikristo ariko bemereye isi kwinjira mu itorero ryabo. Imibereho yabo bayishoye mu isi baba abasambanyi.

Itorero rizazana impinduka mu isi bitabaye ibyo isi izana impinduka mu itorero.

Iyi baruwa irimo ubutumwa bw'Imana yahaye itorero ryishushanyije n'isi muri ako karere ibihe byose.

I. **Kristo niwe…Umwanditsi (v.18)**

Ese ni uwuhe mwanditsi w'iyi baruwa? Ni Yesu. Umurongo wa 18 ugaragaza umwanditsi.

Ni, "umwana w'Imana, ufite amaso asa n'ibirimi by'umuriro n'ibirenge bye bigasa n'umuringaw'umuteke. "

Ibi biravuga Yesu Kristo. Uyu murongo uravuga ibintu bitatu kuri Yesu.

<u>Icya mbere "ni Umwana w'Imana"</u>

Inyito "<u>Umwana w'Imana</u>" nicyo gihe uyu mutwe w'amagambo wagaragaye muri iki gitabo cy'ibyahishuwe.

Uyu murongo ugaragaza Yesu n'umwana w'Imana . Ntabwo ari umutambyi mukuru gusa ahubwo ni umucamanza w'Ijuru,. Urubanza ruje kuri iri torero kandi Yesu niwe mucamanza kuko ni <u>"umwana w'Imana</u>". (JM).

Inyito "<u>umwana w'Imana</u>" rigaragaza Kristo. Ibi bisobanuye ko ari Imana! Ni Imana yambaye umubiri (Yohana 1:1, 14). Ni umwe na Data (Yohana 5:18).

Muri 1:13, Yesu avugwa nk<u>"Umwana w'umuntu</u>". Ibi ntibyoroshye gusobanuka kukiremwa muntu.

Abaheburayo 2:17-18 haravuga ngo, "Yari akwiriye gushushanywa na bene se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana,abe n'impongano y,ibyaha by'abantu Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe abasha no gutabara abageragezwa bose.*".*

Imana kandi yitwa<u>"Se wa Kristo"</u>. Ibyahishuwe 1:6 haravuga ngo." Akaduhindura abami n'abatambyi b'Imana ye ariyo na se,icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose. Amen.

2:27 haravuga ngo, "Azayaragiza inkoni y,icyuma nk'aho ari inzabya z'ibumba, ayamenagurize rimwe nk'uko nanjye nabihawe na data.

3:5 haravuga ngo, "Unesha niwe uzambikwa imyenda yera kandi sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'abamalayika.

<u>Icya kabiri, ufite amaso ameze nk'ibirimi by'umuriro".</u> Ku bw'aya maso abasha kubona buri kintu cyose. Nta kibasha kumwihisha cyangwa ngo kimwiyoberanyeho.

Yari afite amaso atwika. Amaso ya Yesu agirwa n'abantu batangaje

Petereo ntiyashoboraga na gato kwibagirwa amaso ya Yesu amaze kumwihakana, ijoro ribanziriza urupfu rwe imbere y'abatambyi bakuru Bibiliya iravuga ngo "Umwami Yesu arakebuka yitegereza Petero"(Mariko 3:5, Luka 22:60-61). (Stott p. 72).

<u>Icya gatatu, afite "ibirenge bimeze nk'umuringa ubengerana".</u> Ibyahishuwe. 19:15 haravuga ngo, yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishobora byose. Ibi bigaragaza ukwera kwe no gutungana kuko yigizaho gukiranirwa. (JM).

Kristo azacira imanza abanyabyaha batihana I Petero 4:17 haravuga ngo, " kuko igihe kigiye gusohora urubanza rukabanziriza mu b'inzu y'Imana".

II. Itorero…mu mu murwa wa tuwatira

Igihe amaso y'umwana w'Imana yarebaga mu itorero ry'i Tuwatira, hari ibintu bimwe yabonye mo byamunejeje.

Umurongo wa 19 haravuga ibintu bitanu byiza by'ingenzi iri torero ryari rifite, Yesu yaravuze ati, "nzi imirimo yawe, n'urukundo rwawe, no kwizera kwawe, no kugabura iby'Imana kwawe, no kwihangana kwawe".

Amagambo ane ya nyuma afite injyana. <u>umurimo</u> gukura mu rukundo, no kwihangana, gukura mu kwizera (Ladd 50).

Ryari itsinda ry'abera bakora cyane, bafite ingufu n'umurava. Iri ryari itorero ridafite ingufu gusa ahubwo ryakuraga.

Yesu yagaragaje ko bageze kuri byinshi kurusha mu itangira. Abantu benshi batangirana ingufu nyinshi n'umurava ariko bageraho bagacogora kugeza aho bahagarara. Siko byari bimeze i Tuwatira!

Igihe cyatambutse ntabwo cyagabanyije umurava wabo cyangwa ngo bidindize umurimo w'Imana bakoraga.

Si ukuba gusa umurimo wabo waratangiye neza ugakomeza neza ahubwo imirimo yabo n'ibyo bakoraga byarushagaho gutera imbere uko imyaka igenda yiyongera.

Ntibagendaga biguru ntege. Bari bafite umuvuduko. Ryari itorero ritera imbere. Ese Imana yavuga ibisa n'ibi ku itorero ryawe? (Taylor).

III.Ibyo Kristu yabagaye (20-21)

Umurongo wa 20 uravuga ngo, "Mfite ibyo mbagaya. Kuko ukundira urya mugore Yezebeli, wiyita umuhanuzikazi akigisha imbata zanjye, akaziyobya kugirango zisambane kandi zirye intonorano (ibyatambiwe ibigirwamana).

Nubwo bigaragara ko hari byinshi by'i Tuwatira byanejeje Yesu, umwana w'Imana yasanze hari n'ibyo abagaya.

Mu by'ingenzi byarangaga itorero ry'iTuwatira ni uko hari harimo umugore w'Umwijima uwo Yesu yise Yezebeli, Umugore mwiza ni ikintu cyiza cyane ku isi ariko umugore mubi aba ari akaga.

Birunvikana ko Yezebeli atariryo zina rye nyaryo. Yesu yamuhaye izina ry'uriya mwamikazi wo mu isezerano rya Kera wayoboye abisiraheli mu kuramya ibigirwamana no gusambana kuko uyu mugore yayobeje itorero ry'i Tuwatira nk'uko Yezebeli yayobeje itorero ry'abisiraheli.

Yiyitaga Umuhanuzikazi, umuntu wavugiraga Imana ariko nyamara akorera muri kumahame n'ubuyobe bwa Satani byimbitse mu isi y'umwijima. (2:24).

Ese ni ibiki yigishije? Mu by'ukuri nta muntu ubizi, ariko buri wese azi ingaruka byagize ku bamuyobotse.

"Mu nyigisho ze, yayobeje intama zanjye kugirango zisambane kandi zirye intonorano." (2:20).

Mu kinyejana cya mbere, bari bibumbiye mw'ishyirahamwe ry'Abacuzi b'ifeza n'imiringa.

Abakora umurimo w'ubucuzi bari benshi mu murwa. Hari hari amashyirahamwe y'abakora imiringa, abakora imyambaro, ab'inkweto, abasokoza, ababumba, n'abasiga amarange. (Stott p. 65).

Hari hari amashyirahamwe menshi atandukanye hakurikijwe ibyo bakora.

Muri tuwatira, ayo mahuriro yari akomeye cyane afite ingufu ku buryo nta washoboraga kugira icyo ageraho atayagiyemo kutayajyamo byari ukwiyahuza ubukene.

Benshi batekereza ko inyigisho za Yezebeli zari zifitanye uruhari n'aya mashirahamwe y'imiringa ibengerana yari i Tuwatira. Amahuriro afite ibikorwa ahuriyeho si ibintu bishyasha.

Udutsiko duteza ibibazo bikomeye mu ba kristo, kuko habamo kuramya ibigirwamana by'abanyamahanga.

Amanama y'aya mahuriro akenshi batangira basenga bakaramya ibigirwamana.

Aho habaga hari vino nyinshi ndetse n'abagore. Vino bazinywaga uko bishakiye hanyuma abagore bakifuza gukora ubusambanyi. Umukristo ugiye muri ayo mashyirahamwe bivuze ko aba yivanze yifatanije n'abatizera.

Ese umuntu yakwifatanya nabo cyangwa yabyihorera?

Yezeberi yatekerezaga ko ntacyo bitwaye rwose kwifatanya n'abapagani bakaba mu mahuriro amwe.

Yashoboraga kuvuga ko ari uburyo bushya bw'imibereho bukaba ari bumwe mu bwasimburaga ubw'imibereho ya kera. Imibereho mishya igaragara neza irimo umudendezo.

Nubwo ibyo baryaga byashoboraga kuba byatuma abanyantege nke bagwa mu byaha, yashoboraga kubemeza ko abakuze kandi bakomeye mu Mwuka ntacyo byabatwara kwifatanya n'abo muri ayo mahuriro Y'abapagani.

Ariko amahame ya Yezebeli y'ubusambanyi bagwa mu cyaha mu buryo bworoshe kandi bifungura imiryango ibaganisha mu kaga haba mu buryo bw'imibereho ndetse no mu buryo bw'umwuka.

Yesu yaravuze ati “Mfite icyo nkugaya: kuko ukundira urya mugore Yezebeli wiyita umuhanuzikazi, akigisha imbata zanjye akaziyobya kugirango zisambane kandi zirye intonorano!” (2:20).

Yezebeli w’I Tuwatira yapfuye mu kinyejana cya mbere ariko kwifatanya n’isi na nubu birahari.

Ndetse imikorere ya Yezebeli iriho cyane kurusha na mbere. Imyunvire yo kwivanga yanduje itorero ryose. (Taylor).

Uyu munsi, amatorero amwe n’amwe yigisha ko ubutinganyi atari icyaha.

Bamwe mu bavugabutumwa ntabwo bizera ko hari itandukaniro hagati ya Allah n’Imana yo muri Bibiliya.

Bamwe mu bavugabutumwa babwiriza ubutumwa bw’agakiza mu binyoma. Bamwe babwiriza agakiza k’imirimo.

Amwe mu matorero yihanganira abanyetorero b’abasambanyi.

Amwe mu matorero areka aba shumba bayo ndetse n’abakuru b’itorero bakiba amaturo bakayakoresha mu nyungu zabo bwite..

Bicaye ku birenge bya Yezebeli biga imitekerereze ye y’ubusambanyi.

III. Imiburo ya Kristo! 2:21-23

Gutinda guca imanza kw’Imana, ni uburyo bwo guha Yezebeli amahirwe yo kwihana ariko yarabyanze..

Noneho, nta kindi kimutegereje ni urubanza. Yezebeli yahawe amahirwe. Yanejejwe no kwigumira muri bw’abusambanyi;

umwana w'Imana azamwikoreza uburiri bw'Ibyaha bye. (Ladd 52).

Kereka abigishwa bihannye (Morris TNTC 72), Umwami azabateza imibabaro ikomeye ibashitsa no mu rupfu. Kristo ashaka ko ibi bibera andi matorero yose isomo ko inzira yo kwivanga iganisha ku irimbukiro.

Uwiteka ashaka ko abantu be bose bigira ku rugero rwa Yezebeli na Tuwatira ko "Uwukora ibibi azahura n'ingaruka zabyo."

Mureke umukristo wese, uwo ari we wese, ufata inyigisho za Yezebeli, agakora ibikorwa bya Yezebeli, urubanza Yesu yamuciriye n'abayoboke be i Tuwatira ruzamubaho!

IV. IBYO KRISTO ADUSABA! 2:24-25

Ese ni ibiki Umwami asaba abatayobowe na Yezebeli?, Abatemeye inyigisho ze? Abatamenywe nk'abanyamabanga ba Satani? Nta wundi mutwaro yabashyizeho uretse kugumana ukwizera kwabo kwa mbere kandi bagahora bakiranuka kugeza agarutse.

Icyo nicyo ashaka ku bantu be uyu munsi! Komeza ukwizera kwawe kandi ukomeze ukiranuke!

V. AMASEZERANO YA KRISTO! 2:26-28

Ku bitondeye umuhamagaro we, bagahagarara mu kuri bakabaho ubuzima butunganye, Yesu abasezeranya ibintu bibiri:

“Nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose, azayaragiza inkoni y’icyuma nk’aho ari inzabya z’ibumba, nk’uko Data yampaye ubushobozi kandi nzabaha inyenyeri yo mu rutururuturu!”

Inyenyeri yo mu rutururuturu yari itangiriro rikuraho umwijima wa gipagani wagombaga gupfa vuba.

Inkoni y’icyuma n’inzabya z’ibumba bivurwa, niba abacuzi b’ibyuma bishize hamwe n’ababubyi, byaba ari ibibazo bikomeye ku Bakristo, waba ari umunsi mushya ukomeye ubaziye.

Kuruwo munsi mushyasha, Abakristo baba batangiye kuyoborana hamwe na Kristo intambwe ku yindi, bategeka imbaraga zose zikomeye z’abatotezaga. Wari umunsi wa Yezebeli. Wakomeza kuba umunsi we.

Ariko umunsi wa Kristo uzarasa. Kandi umucyo w’isumba byose w’iteka ryose uzamurika kuri bose kugirango bamenye ko guhakana Imana kwabo byabaye imfabusa!!!

Gusoza:

Nta buryo bwiza bwo gusoza ubu butumwa butari ubwo Uwiteka yavuze ati: “Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero”. (2:29).

Yesu ntiyatakaje intego ye! Wireba umuturanyi wawe cyangwa undi uwo ari we wese uri hafi yawe! Isuzume wowe ubwawe!

Ese waba warivanze mu Bahakanyi?

Ese, urugendo rwawe rwa gikristo rwababa rwarahondobereye bitewe n'amahame y'ubuyobe agutera ubusambanyi?

Ese, ushobora kuba warakoze ibyangwa n'Imana bigatuma ubuzima bwawe bwuzura umwijima?

Niba utsinzwe mu mutima wawe n'iri jambo, dore Kristo araguhamagara ngo wihane none!

IGICE CYA 5

ITORERO RIPFUYE

ITORERO RY'ISARUDI

Ibyahishuwe 3:1-6

IRIBURIRO:

Ushobora gutekereza uko isanzure ari rigari? Jya hanze ijoro rimwe hanyuma urebe hejuru urebe inyenyeri. Ese inyenyeri iri kure y'isi bingana iki? Abashakashatsi bapima igihe umucyo umara buri mwaka. Igihe imucyo umara mbere yuko haza umwijima, byitwa umwaka w'umucyo.

Umucyo urihuta cyane bikabije. Umucyo ugenda ibirometero 299, 460 mu isegonda. Ni mu isegonda si mu isaha. Mu isegonga imwe umucyo ushobora kugenda ibi birometero 299,460.

Tekereza nawe urugendo umucyo ushobora gukora mu mwaka wose! Ese uzi urugendo umucyo ushobora gukora mu mwaka wose? Igisubizo ni uko umucyo ushobora gukora urugendo rw'ibirometero 10 trillioni mu mwaka umwe.

Mu yandi magambo, ntiwamenya ko nta nyenyeri igihari kereka nyuma y'imyaka 30 umucyo warahagaze utakimurikira isi. Uku niko amatorero menshi ameze. Mu Mwuka yarapfuye ariko aracyakora. Inyuma agaragara nk'ariho ariko imbere muri yo yarapfuye. (MacArthur).

Itorero ry'I Sarudi niko ryari rimeze, inyuma ryagaragaraga nk'iririho ariko imbere ryarapfuye.

Urwandiko rwandikiwe itorero ry'I Sarudi ni rumwe mu nzandiko zari zikakaye mu nzandiko zirindwi zandikiwe amatorero arindwi.

I. Umurwa — Sarudi

Sarudi yagize umwami w'ikirangirire. Izina rye ryari Korowasusi (Croesus) yatwaye imyaka 500 mbere y'ivuka rya Yesu kuva 500-547

Mugihe cyose ya yoboye, yateje imbere umurwa mubukungu. Sarudi yari umurwa mukuru wa Lydia ariyo Turukiya y'iki gihe.

Sarudi yari iri ku gasongero k'umusozi mugari. Uwo musozi wari ugoswe n'indi misozi itatu ihanamye cyane kuburyo bigore kuyizamuka. Mumajyepfo y'uwo murwa hari umurambi mutoya kuburyo banyuragamo binjira muri uwo murwa. Ariko bari bafite ubuhanga n'ubushobozi bwo kurinda umurwa umwanzi wese.

Gutura kumpinda y'umusozi, byatumye badamarara bibwira ko ntawabatera ngo abatsinde.

Hanyuma mu myaka 540 mbere y'ivuka rya Yesu. Silasi Umugiriki akaba n'Umwami w'abagiriki, Igihangange Antiyokyasi (Antiochus the Great).

Uko imyaka yagiye itambuka umujyi wagiye ukura hanyuma bakora undi mujyi ahantu bugufi bw'aho bari bari.

Mu myaka 17 nyuma y'ivuka rya Yesu, habayeho umutingito utunguranye usenya umugi

Mu gihe igitabo cy'ibyahishuwe cyandikwaga, umujyi warazutse wongera kugira ubuzima kubera ubucuruzi. Harimo abacuruzi benshi muri uwo mujyi.

Sarudi wari umurwa wari urimo abaturage benshi b'abayuda. Bari barazanywe muri icyo gihugu mu gihe Umwami Silasi (Cylus) yabayoboraga. Ibi byahanuwe muri Obadiya 1:20-21. (Welton, Understanding the Seven Churches of Revelation)

Mu gihe intumwa zazaga mu bayuda bari bafite isezerano rya Kera mu mateka yabo. Rero bari bategereje Messiya. Ubutumwa bw'intumwa bwavugaga ko Yesu ari Messiya.

II. UMWANDITSI NYIRIZINA (3:1)

Umwanditsi ni Yesu, "ufite imyuka irindwi y'Imana n'inyenyeri zirindwi"

Imyuka irindwi y'Imana zihagarariye Umwuka Wera n'inyenyeri zirindwi zihagarariye abayobozi b'amatorero arindwi. Mu itorero Yesu ahagarariwe n'Umwuka Wera. Araganje. Ni we uyoboye itorero.

Itorero ryari ryarapfuye mu Mwuka. Ryari rikeneye ubuzima…UBUZIMA BWA YESU muri ryo Mwuka Wera wenyine niwe ubutanga.

Barakoze cyane. Yesu yaravuze ati,"nzi imirimo yawe". Ariko hari ikibazo gikomeye.

III.GUCYAHA (v. 1)

Imyaka cumi n'irindwi mbere y'ivuka rya Yesu, umurwa wangijwe n'umutingito, mu buryo bw'Umwuka, itorero ryarangiritse nk'uko byagenze mug he cy'umutingito

Nubwo batari mu Mwuka bavugwagwa neza mu murwa. Nta nyigisho zipfuye bari bafite mu itorero, itorero ryari rigari ryagutse. Bari bafite amafaranga,impano ndetse n'abantu.(Stott p.82).

Umurongo wa mbere uravuga ngo "Nzi imirimo yawe,ufite izina ry'uko uriho nyamara uri intumbi"

Nyamara, ibigaragara inyuma ntibiba iteka bivuga ukuri nyako kandi bishobora kugaragaza indi shusho y'urucantege.Itorero ryagaragaraga nk'iririho nyamara mu Mwuka ryari ripfuye.

1 Samuel 16:7 haravuga, "Imana ntireba nk'uko umuntu areba. Umuntu reba ibigaragara inyuma ariko Imana ireba mu mutima". Ireba ibyifuzo n'ibitekerezo biri mu ndiba y'umutima no mu bwenge bwawe.

Mu bice 16 mu gitabo cy'abacamanza mu isezerano rya Kera twasomye inkuru nziza y'umugabo witwaga Samson.Yakoze ibintu bihambaye mu buzima bwe. Yishe intare n'amaboko ye ubwe. Yishe abanzu 1,000 umunsi umwe akoresha……Yari umugbo ukomeye cyane mu isi yose.

Ibanga ry'imabaraga ze ryari mu musatsi. Ababyeyi be bari baramweguriye Imana igihe yavukaga baranahawe amabwiriza y'uko atazigera akata umusatsi we.

Hanyuma yahuye n'umugore w'umupagani. Izina rye yari Delila. Ntiyubahanga Imana. Yaramushukashukaga amubaza aho imbaraga ze ziva, Ijoro rimwe yaje kubimubwira, Delila akata umusatsi we igihe yari asinziriye.

Samusoni yahamagawe mu ihema abanzi be baramugota, arabyuka ntiyamenya ko imbaraga zamukuweho nuko agerageza kwica abanzi be ariko ntiyari afite imbaraga. Arireba niba agikomeye,a yari agifitr ibigango ariko nta mbaraga yari afite kubera icyaha.

Bamushyira muri gereza itabona (mu nzu y'imbohe). Bamubohesha iminyururu y'imiringa, bamunogoramo amaso. Aba impumyi, aba umunyantege nke ntiyagendana n'Imana.

Iri torero ryari rimeze nka samsoni. Yari impumyi. Yagize integenke. Ntabwo yagendanaga n'Imana.

Ariko nyuma atakira Imana, arihana agarukira Imana maze Imana yunva gusenga kwe imuha amahirwe ya kabiri.

Izina bari bafite ry'uko bariho ryari ibinyoma, ikinyoma, igicantege. Ukuri kwari uko bari intumbi mu buryo bw'Umwuka.

Mu Isezerano rya Kera , umuhanuzi yesaya yaravuze ati:"Kuko aba Bantu banyegera bakanyubahisha akanwa kabo n'iminwa yabo ariko imitima yabo bakayinshira kure" (Yesaya 29:13)

Ijambo nyaryo muri iyi myifatire ni "uburyarya" Ijambo uburyarya rivuga "umukinnyi" umukinnyi ni ukina imikino ku

ruhimbi. Uburyarya ni ukwishushanya ugaragaza ikinyoma ucyambika ishushu y'ukuri.

Rero, iri torero ni ikitegererezo cy'amatorero yose y'intumbi mu mateka yayo. Reba itorero ryawe, Ese ni itorero ry'Umwuka Cyangwa ni intumbi.

IV. IBISHIMWA (V.4).

Nubwo bimeze bityo, ntawbo buri wese muri ryo yari intumbi.

Ku mrongo wa 4 haravuga ngo:" Icyakora ufite amazina make y'ab'I Sarudi batanduje imyenda yabo.Nibo bazagendana nanjye bambaye imyenda yabo kuko babikwiriye.

Mu by'ukuri itorero ntiryakagombye kuba rifite izina ry'uko ririho ahubwo ryagombye kuba ririho mu buryo nyakuri aatari ku izina gusa.

Ijambo"kwanduza" risobanura "kwangiza", cyangwa "guhumanya

Imyambaro bigaragaza "imiterere muri Bibiliya. Yesaya 64:6 haravuga ngo "Kuko twese twahindutse nk'abanduye, kandi gukiranuka kwacu ni nk'ubushwambagara"

Abizerwa ni abaza mu kubaho kw'Imana n'imyambaro ikeye. Kuko baba batihemukira ubwabo.

Yesu aravuga ati bazagendana nanjye bambaye imyenda Year kuko babikwiriye.

Bagaragaza gutungana no kwera nyako Imana aha abizerwa (Mac Arthur)

V. ITEGEKO (V. 3:2 (a) na 3)

Yesu abaha intambwe eshanu kugirango bagarure ubuzima bw'umwuka:

Icya mbere, ababwira "kubyuka". Aravuga ati ba maso ukomeze ibisigaye bigiye gupfa" Iki si igihe cyo kuva ku Mana.

Aravuga ko hari abasinziriye bagomba"kuba maso". Bari bameze nk'umurwa wigeze kwiyizera hanyuma uterwa kandi utsindwa n'umwanzi.

Umwami azaza igihe badatekereza kandi azabacira imanza. (Patterson).

Icya kabiri, Arababwira ati" mukomeze ibisagaye bigiye gupfa". Umuriro warazimye, bakeneye kongera kuwucana.

Icya gatatu, Abwira abizerwa ati " ibuka ibyo wakiririye n'wunvise ubitondere kandi wihane." Mu yndi magambo bakeneye kugarukira Imana bakayunbaha kandi bakagarukira ukuri kw'Ijambo ryayo. Bakeneye guhindukira bagakora umurimo w'Imana bakunda Yesu bashaka kubona abantu bazimiye bakizwa.

Icya kane, Ababwira kwihana. Kwihana bivuze "guhindura Imitekerereze". bisobanura" guhindukira". Niba ugenda munsi y'umuhaanda hanyuma ukabona ko uri kugend amu cyerekezo kirari cyo ukora iki? Urahindukira, Ibyo nibyo kwihana.

VI. INGARUKA (V. 3-5)

Icya mbere, hari ingaruka zo kutaba umwizera. Ibi ni kubatihana ngo bahindukirire Umwami. Ku murongo wa gatatu aravuga ati, “ nutaba maso, nzaza nk’umujura ntuzamenya igihe naziye . “Ibi bivuga urubanza”

Icya kabiri, hari kandi ingororano ku bizerwa. Umurongo wa gatanu haravuga ngo “ unesha niwe uzambikwa imyenda Yera kandi sinzahananagura izina rye na hato mu gitabo cy’ubugingo ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n’imbere y’abamalayika be”

Nta kubabazwa. Iri ni isezerano. Igihe izina ryawe riri mu gitabo cy’ubugingo, ntizarikuramo. nibyo yigisha muri uyu murongo . ntabwo Akura amazina y’abizeye mu gitabo cy’ubugingo. Mu by’ukuri, mu gihe uwiyita umukristo ahindukiye akajya kure y’Imana, Umwami Mana aramucyaha nk’umubyeyi uhana umwana we iyo yakosheje. Umubyeyi mwiza ntiyirukana umwana we mu muryango iyo yakosheje,n’Imana niko ibigenza.

Nubwo bimeze bityo, iyo umukristo ahindukiye agatera Imana umugongo Imana ikamucyaha ntiyihane, ukuri ni uko aba atarigeze anakizwa naa mbere hose, Abaheburayo 12: 5-8.

Uyu murongo uvuga ko Imana iha isezerano abizerwa ko amazina yabo ari kandi azahora mu gitabo cy’ubugingo.Azaturira amazina yabo imbere ya Data n’imbere y,abamalayika be.

GUSOZA:

Urwandiko rwandikiwe itorero ry'I Sarudi rusoza nk'izindi nzandiko. Ibakangurira kunva no kubaha inama ze z'ubwenge n'amategeko ye. Aravuga ati, "ufite ugutwi niyunve ibyo Umwuka abwira amatorero".

IGICE CYA 6

Itorero mu butumwa (Misiyo)

Itorero rya i Filadelifiya

IBYAHISHUWE 3:7-13

<u>IRIBURIRO:</u>

Uru rwandiko rwandikiwe itorero ryo mu murwa wa Filadelifiya, ariyo Turukiya y'ubu.

Biragaragara ko itorero muri uyu murwa ukomeye ryavutse mu musaruro ukomoka mu murava w'ubutumwa intumwa Pawulo yigishije mugihe yabaye misiyoneri muri Efeso mugihe cy'imyaka itatu.

Abari batuye muri Aziya ntoya bose bumvise ijambo ry'Uwiteka (Ibyakozwe n'Intumwa 19:10)

Itorero ryo muri Filadelifiya ryatangiye neza, ariko ntiryashoboye gukura neza nk'uko byari bikwiye. Ryakomeje kuba ritoya, kandi ryakomeje kugira integenke.

Filadelifiya yari iteganyijwe kuba ihuriro ry'Ubumisiyoneri, ariko uwo murwa ntiwari ufite umuhamagaro n'intego byo kwamamaza inkuru nziza ya Kristo; nyamara ryari rifite intego zo kwamamaza umuco n'ururimi rw'ikigiriki. Ryari irembo ry'iburasirazuba."

Nta torero rikihaba kugeza amagingo aya. Itorero ry'i Filadelifiya ryari irya misiyo.

Ryari itorero ritoya kandi rikenye kuburyo ritari rishoboye gukorera Uwiteka igikorwa gikomeye.

Nubwo ryari ritoya kandi ridakomeye, ariko Itorero ry'i filadelifiya ryari iry'ubumisiyoneri.

Birashoboka kuba nubwo ryari itorero ritoya rifite amikoro make, ridashobora kugira igikorwa gikomeye ryakorera Uwiteka, ariko ryari itorero rifite iyerekwa ryo gusakaza umucyo w'Imana hose.

Itabaza rigira intego imwe rukumbi. Ribereyeho kumurika ahari umwijima. Filadelifiya yari ifite umutima wayo wo kumurika umucyo w'inkuru nziza aho abantu bari mu mwijima mwinshi. Ryari itorero rifite misiyo. Muri uru rwandiko turareba icyo Uwiteka avuga kw'itorero rifite misiyo mu ntego zaryo, misiyo mubitekerezo ryaryo, ndetse na misiyo mu maraso yaryo. (Taylor).

I. ITORERO RIFITE MISIYO ……REBA URUGERO RWA YESU (3)

Ni nde wanditse uru rwandiko?

Umurongo wa gatatu ugira uti: “Uwera, kandi w’ukuri, Uwufite urufunguzo rw’igikigi cya Dawudi, Uwukinga ntihagire ukingura, kandi uwukinga ntihagire uwukingura.”

Yesu niwe mwanditsi w’uru rwandiko rwoherejwe itorero ry’i Filadelifiya. Yigaragaje mu buryo butatu:

<u>Icya mbere, yavuze ko ari Uwera.</u>

Isezerano rya Kera rivuga Imana ari Iyera. Yesaya 6:3 hagira hati: “Uwiteka nyiringabo arera, arera, arera.Isi yose yuzuye icyubahiro cye.”

Yesaya 43:15 hagira hati: “Ni jyewe Uwiteka Uwera wanyu, Umuremyi wa Isirayeli n’UMWAMI wanyu.”

Ijambo “UWERA” risobanura “Umwihariko utandukanye n’indi.” (Barclay). Muyandi magambo, Imana itandukanye cyane n’ibigirwamana. Ni we Imana YONYINE NYAKURI.

Yesu niwe wahamijwe kuba ari we UWERA w’IMANA.

Muri Mariko 1:24 dayimoni arataka, “Uje kuturimbura? Ndakuzi uri Uwera w’Imana.”

Petero acyaha Abayuda batizeraga avuga ati: “Ariko mwihakana Uwera kandi Umukiranutsi, musaba ko bababohorera umwicanyi.” (Ibyakozwe n’Intumwa 3:14).

<u>Icyakabiri, Yesu avuga ko ari we w’UKURI.</u>

Kuba uwukuri bisobanura ko uri umunyakuri, Umuzira nenge, w’ukuri. (MacArthur)

Isi yuzuye umwijima, ibinyoma, Uburiganya, na ruswa ariko mumitekereze y’isi ibi nibyo ukuri. Umuntu utabesha,

uwutiba cyangwa ngo agire ur ; umuriganya. Uwujya avuga ukuri buri munsi. Wubasha guhagarara ku cyo yasezeranye akagisozakandi akitanga.

<u>Icyagatatu, Yesu avuga ko ari we ufite urufunguzo rwa Dawudi.</u>

Urufunguzo ni ikimenyetso cy'ubutware. (Barclay). Uwufite urufunguzo wese, aba afite ubushobozi.

Amateka y'ijambo "urufunguzo rwa dawudi" Yesaya 22.

Yesaya 22:22 hagira hati: "Urufunguzo rw'inzu ya Dawidi nzarushyira ku rutugu rwe, ni we uzakingura ntihagire ukingakandi ni we uzakinga ntihagire ukingura."

Muri kicynditse ijambo "Urufunguzo rwa Dawidi" rugereranwa n'umugabo witwaga Eliyakimu.

Yari umukozi w'Umwami Dawudi. Yari yahawe inshingano zo kumenya uwugomba gusura no kubonana n'Umwami n'utagomba kubonana nawe.

Ni we wabikaga "imfunguzo". Yari afite ububasha.

Nuko, icyo Yesu avuga n'uko AFITE IMFUNGUZO ZA DAWUDI, bisobanura ko afite ububasha bwo guhitamo uwunjira mu Bwami bw'Imana.

Ibyahishuwe 1:18 havuga ko Yesu "afite imfunguzo z'urupfu n'ikuzimu."

Yohana 14:6 havuga ko Yesu "ni WE nzira, n'UKURI, n'UBUGINGO."

Yesu si "inzira" anubwo ni "INZIRA". Kandi ni "WE" IMFUNGUZO. AFITE "IMFUNGUZO" Ni we Umwami n'Umukiza rukumbi.

<u>Icya kane, Yesu ubwe avuga ko ari we UKINGURA, KANDI NI WE UKINGA URUGI.</u>

Ibi, bigaragaza ko Yesu ar we "NYIR'UBUBASHA BWOSE." (MacArthur).

<u>Yesu ni we muryango w'AGAKIZA.</u>

> **Abanyabyaha, abita abazimiye. Ibyahishuwe 3:20, "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe ……." Yesu arakomanga ku rugi rw'umutima w'umuntu wazimiye, agasaba ko bakingura urugi rw'imitima yabo. Nibakingura azinjira, kandi bazakizwa ibyaha n'ikuzimu.**

II. ITORERO RY'UBUMISIYONERI RIFITE IMITERERE ITATA (8)

Yesu agaragaza itorero rifite misiyo.

<u>Icya mbere yavuze ati: bafite imbaraga nkeya.</u>

Uku si ukunenga kubi. Ahubwo ni ukugaragaza ukuri kugaragara mw'Itorero. Nubwo bari bake ariko bazanye impinduka mubadakijijwe mu murwa. (MacArthur).

<u>Icyakabiri, ntibateshutse kw'ijambo.</u>

Ibi bigaragaza ko bari bafite kubaha no kumvira muribo.

Icyagatatu, ntibigeze bihakana Izina rya Yesu.

Baratotejwe cyane. Ariko bakomeje kuba abizerwa, mu ukuri no mubunyangamugayo--- nubwo byari bikomeye.

III. A ITORERO RIFITE MISIYO, RIFITE AMASEZERANO YA YESU(9-10)

Icyambere, yasezeranye ko yabakinguriye urugi kandi ntawabasha gukinga. (8).

Uyu ni umuryango w'Umurimo.

Reta y'Abaroma yahaye uburenganzira Abavugabutumwa babwirize inkuru nziza hose mu mirwa.

Abakristo b'i Filadelifiya bahuye n'abarwanga benshi, ariko muri ibyo byose Imana yabakinguriye umuryango y'umurimo w'imvuga butumwa.

Imana ihora ikingurira imiryango abateguye gukoreshwa nayo.

Ngizi ingero bibiliya igaragaza:

1. **Pawulo yabwirije inkuru nziza mu murwa wa Efeso. Akiri i Efeso, yandikiye urwandiko abizera b'Ikorinto. Mu rwandiko rwa 1 Abakorinto 16:8-9 yagize ati: "Ariko nzatinda muri Efeso kugeza kuri Pentekote, KUKO NUGURURIWE IREMBO RININI RIJYA MU MIRIMO ikomeye kandi abandwanya bakaba benshi." Nubwo hari imbogamizi ziterwa n'abamurwanya, Imana yamwugururiye irembo rishya.**

2. Yongeye kwandikira Abizera ababwira ati: “Ubu, nageze i Toroya kubw’ubutumwa bwiza bwa Kristo MUGIHE UMURYANGO UMURYANGO WAKINGUWE.

3. Yanditse no murwandiko rwa Abakolosayi 4:2-3 “Mukomeze gusenga muba maso, mushima. Kandi natwe mudusabire kugira NGO IMANA IDUKINGURIRE URUGI RWO KUVUGA IJAMBO RYAYO”.

<u>Icyakabiri, yasezeranye ko azahata abanyabinyoma bo mu Bayuda kuza bikubita imbere y’ibirenge byabo. (9).</u>

Ubu, aho Kristo akingura urugi, Satani nawe ashiraho imbogamizi.

I Filadelifiya hari imbogamizi ebyiri. Iyambere yari ubwoba, indi yari ukunanizwa. Ntibyari bitunguranye kuba itorero ry’i Filadelifiya ritari rikomeye.

Iyo Uwiteka akinguye urugi rw’umurimo wayo, bagiraga intambara y’UBWOBA, bagatangira lubona ko badashoboye kwitabira uwo muhamagaro mushya.

Kandi bahoranaga umunaniro wo guhangana nabarwanya umuhamagaro wabo w’ubumisiyoneri.

Izina rya Sinagogi nyaryo ryari, “Isinagogi ry’Uwiteka,” ariko Abayuda barwanyije cyane intembwe zose z’umurimo w’ubumisiyoneri iri torero ritera. Ubu ryahindutse ryitwa, “Isinagogi rya Satani”.

Itorero ryose ryari rifite umuhamagaro wa misiyo, ryahoraga mu ntambara nk’izo. Umurimo ni mugari kuruta

uko umuntu yabitekereza, ariko hamwe n'ubufasha bw'Imana, umurimo uzakorwa. Ese, ibyo, urabyizera?

Muri buri torero, hari impano ndetse n'ubushobozi buhagije gukora imirimo yose ikenewe gukorwa niba abantu bemeye kuba abizerwa mu gukora umurimo w'Imana uko bikwiye.

Abakurwanya bahora baguhagurukira. Umwanzi wa misiyo y'itorero, ashobora kuba ari ndetse ari no mu banye torero ubwabo.

Ariko amaso y'Uwiteka azahora kw'Itorero ridatezuka kuri misiyo yaryo ndetse no mugihe ryaba ririmo rinyura mubihe bikomeye byo kurwanywa, nyamara rigashikama mumuhamagaro waryo.

Ni nk'Abayuda b'i Filadelifiya, hari umunsi izi mbogamizi zose zizacishwa bugufi zemere ko Itorero riri kuri misiyo y'umurimo w'Uwiteka!

Abizera b'i Filadelifiya bahuye n'ibizazane no gutotezwa bikorwa n'Abayuda badakijijwe.

Yavuze ati: "Dore nguhaye bamwe bo mu isinagogi ya Satani, biyita abayuda nyamara Atari bo, ahubwo ari abanyabinyoma. Dore nzabahata kuza bikubita imbere y'ibirenge byawe, bamenye yuko nagukunze."

Aravuga ati: nubwo biyita ko ari Abayuda nyamara ari abanyabinyoma. Icyo ni ikinyoma.

Iyi ni imvugo itomoye rwose. Kuki ibyo abivuga ku Bayuda?

Nibyo rwose ubwoko n'umuco n'imigenzo BARI Abayuda, ariko ntibayoborwaga n'Umwuka Wera.

Nuko avuga ko bamwe muri abo Bayuda batoteza itorero, umunsi umwe bazabunamire kubirenge byabo. Kwunama

kubirenge by'umuntu, bisobanura ko watsinzwe kandi uciye bugufi. (MacArthur).

Umunsi umwe amavi yose azapfukama, n'indimi zose zizatura ko Yesu ari UMWAMI.

<u>Icyagatatu, yabasezeranye ko azabarinda kumunsi wamateka. (10).</u>

Kumurongo wa 10, yagize ati: "Kuko witondeye ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mu isi."

Uwiteka akomeza ukwizera kw'abamwizera iteka.

Aba bakristo babaye abizerwa, kuko bitondeye ijambo rya Kristo mugihe cy'ibyago.

Mugihe "cyo kugeragezwa" Uwiteka yasezeranye uburinzi muri icyo gihe. (Taylor).

Uwiteka ntazemerera ibigeragezo birenze ukwize ngo bigire uwo bigeraho. Ahubwo Uwiteka abimurindiramo (Sweet 104, cf Yohana 17:15).

IV. ITORERO RIFITE MISIYO RYITONDERA AMATEGEKO YA YESU.

<u>Yabategetse kwitondera ijambo rye. (11).</u>

Umurongo wa 10 ugira uti: "ukomeze icyo ufite, hatagira uwugutwara ikamaba ryawe".

Bimeze bite ku Bantu bakirara Kristo, ndetse bakabatizwa, maze nyuma bagasubira inyuma? Bibiliya ivuga ko abaretse ukwizera bagasubira inyuma, ntigeze bakizwa by'ukuri. Kuba umunyetorero no kubatizwa ntabwo bigira uwo bikiza.

1 Yohana 2:19 havuga hati: "batuvuyemo, nyamara ntibigeze baba abo muri twe. Iyo bari kuba bamwe muri twe, bari kugumana natwe. Ariko badusohotsemo, kugirango bagaragaze ko batigeze baba abo muri twe."

Birababaje cyane kubona abantu bahamagawe n'Imana bakayikorera, maze bagasubira inyuma. Batakaje umurimo ndetse n' umwanya Imana yabashizemo. Imana ifite inshingano zihariye yahaye buri mukristo. Ariko dufite uburenganzira bwo guhitamo kwemera cyangwa guhakana ubushake bwe.

Mbese, Imana yakwizera mu murimo yagushizemo? Iyo wanze ubushake bwe n'umurimo wayo yagushinze, Ishaka undi muntu ikamushira mu mwanya wawe. Bibiliya igaragaza urutonde rw'abantu baretse umurimo Imana yabahaye, batakaza n'umwanya yabashizemo. (Barclay).

1. **Esawu yatakaje umwanyawe uhabwa Yakobo (Itangiriro 25:34)**
2. **Rubeni imfura ya Yakobo yatakaje umwanya we uhabwa Yuda (Itangiriro 49:4-8)**
3. **Sawuli yatakaje umwanya we uhabwa Dawudi (1 Samweli 16)**
4. **Yuda yatakaje umwanya we yari yashizwemo mu ntumwa, uhabwa Matiyasi (Ibyakozwe n'Intumwa 1:25).**

Batakaza amakamba yabo. Amakamba yasezeranyijwe abahagaze bemye bakihangana. Ibyahishuwe 2:10 havuga ko ikamba ni ubugingo buhoraho.

V. ITORERO RIFITE MISIYO RIMENYA UMUGISHA UTANGWA NA YESU. (12)

Yesu asangira imigisha y'ubwoko bune na abihangana bagakomera bakanesha intambara.

<u>Icyambere. Umugisha wambere ni uko Yesu azabagira ingingi zo murusengero rw'Imana.</u> (12).

Inkingi isobanura gushikama wemye. Kandi isobanura "icyubahiro". Inkingi zo murusengero rwa abatizera zihagarariye ibigirwamana byabo. Yesu asezeranya abizera ko bazicyazwa mumyanya y'icyubahiro murusengero rw'Imana ari ryo Ijuru. (MacArthur).

<u>Icyakabiri. Umugisha wa kabiri ni uko Yesu yasezeranye ko azabandikaho izina ry'Imana. (12)</u>

Ibi bisobanura kwigira. Yesu avuga ko abizera Imana bose ni abe. Kandi ibi bigaragaza ubusabane bwihariye hamwe na Kristo. (MacArthur).

<u>Icyagatatu. Umugisha wagatatu ni uko Kristo azandika ku bizera izina ry'umurwa w'Imana yanjye, Yeruzaremu shya. (12)</u>

<u>Icyakane. Umugisha wa kane ni uko Kristo azaha abizera bose IZINA RISHYA. (12)</u>

Nshobora gusobanura byinshi kubijyanye na aya masezerano, ariko yose akubiye muri iri rivuga ngo Uwiteka azubahisha abamwubaha!

Dore hazabaho umunsi Uwiteka azarobanura umuntu utigeze ureka umurimo we akamugira inkingi, ishikamye idatenguka, igikoresho cy'umumaro mu nzu y'Uwiteka iteka ryose!

Filimu yitwa *Chariots of Fire* yatumye uwitwa Eric Liddell agirwa ikigirwamana, yari umwe mu byamamare byo mumikino ngororangingo. Mu mwaka w' 1924 yatsindiye tike yo kujya mu marushanwa y'isi yose yo kwiruka metero 100 m'u Bwongereza. Ariko, akimara kumenya ko agomba kurushanwa ku munsi wo kucyumweru, kubwo kuba yari umukristo umaramaje, yavuze ati: "Sindi burushanwe kumunsi w'Imana!" Yahise ashirwa mubasiganwa metero 400 kumunsi ukurikiyeho. Byari ubwambere yemerewe iryo rushanwa ryisumbuye. Amaze kugera kumurongo wamarushanwa, abona umuntu uturutse mu mbaga yabareba irushanwa amugezeho amufumbatisha agapapuro kanditseho icyanditse cyo muri Bibiliya. 1 Samweli 2:30 "abanyubaha aribo nzubaha!" Imana yubashye Liddell kubwo kubaha kwe; uwo munsi Liddell akora amateka mw'irushanwa ryo kwiruka metero 400 (Barclay, *Seven Churches* 88).

Gusoza:

Uburyo bwiza bwo gusoza ubu butumwa, nu gusoza nkuko Kristo yashoje agira ati! "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero" (3:13). Irijambo yaribwiye amatorero yose. "Dore mufite guhitamo. Mube abizerwa, mube abizerwa, mube abizerwa, mube maso mudatakaza amakamba yanyu!"

Muzirikane ibi. Kristo afite umurimo wo gukingura inzugi, maze itorero rigakora umurimo wo kwinjira. Iyo wanze kwinjira cyangwa ugashidikanya, amahirwe yo kwinjira ashobora gushira, maze inzugi zigakingwa burundu.

Byari mw'irushanwa ribaye kunshuro ya cyenda; ubwo icyamamare Lou Gehrig yarushanwaga. Yari amaze gutsinda inshuro ebyeri, mubo yarushwanaga nabo hari hamaze kuvamo abagera kuri babiri, Abandi benshi bibihanganye byo kurushanwa bari inyuma ye muri iryo siganwa ryo kwiruka. Nuko inzogera iba iravugijwe. Maze Gehrig ahagarara ubwo yumvaga inzogera irangiza umukono kuburyo butunguranye. Nuko, Uwari uwari uwayoboraga umukino, asoza atyo bitunguranye. Abitabiri kuza kureba umukino basakuriza hejuru kuko Gehrig atigeze agira icyo abivugaho. Abanyamakuru basanga umuyobozi mukuru w'irushanwa bamubaza ibibazo byinshi bati: "Ibi n'ib'iki umusifuzi akoze?"

Nuko uwo muherwe Gehrig "avuga ati: Natanga icyo isi isaba cyose, kugirango uwo musifuzi w'umugome akurweho kw'isi."

Kristo yakinguriye benshi urugi. Ndabasengera kugirango hatagira uwucikanwa no kwinjira mu rugi Imana imukinguriye.

IGICE CYA 7

ITORERO RY'AKAZUYAZE

ITORERO RY'I LAWODIKIYA

IBYAHISHUWE 3:14-22

Iriburiro

Nta muntu n'umwe uzi neza igihe n'uburyo ubutumwa bwiza bwageze i Lawodikiya cyangwa ntawuzi uburyo itorero ryahatangiye. Intumwa Pawulo yamenye neza itorero rya Lawodikiya. Yaryandikiye urwandiko ari munzu y'impohe i Roma.

Yabivuze mu Abakolosayi 4:16. Uyu murongo ugira uti: "Uru rwandiko nimumara kurusomerwa ruzasomerwe n'Itorero ry'i Lawodikiya, namwe muzasome uruzava i Lawodikiya.

Inshuro enye yashingiye ku rwandiko yandikiye Abakolosayi (Abakolosayi 2:1; 4:13, 16). Yabohereje urwandiko mu gihe yari munzu y'imbohe i Roma (Abakolosayi 4:13, 16)

Intumwa Pawulo yamenye itorero ry'i Lawodikiya mugihe yari munzu y'imbohe i Roma. Mugihe yari yegereje ku musozo w'ubuzima bwe, yanditse avuga ko atigeze asura iryo torero

(Abakolosayi 2:1), kandi ntakimenyetso kigaragaza ko atigeze asura ako karere.

Umuntu ugaragara ko yageze i Lawodikiya ni Epafura (Abakolosayi 4:12-13). Epafura yakoreye yo umurimo ndetse no hafi y'i Kolosayi na i Helapoli, kandi birashoboka kuba yatangije amatorero hose uko ari hatatu.

Mu mpere z'ikinyejana cya mbere cy'Ubukristo, itorero ry'i Lawodikiya ryahindutse itorero ribi. Ryagize ubunebwe ndetse no guhondobera. Ntiryari rigikwiye kwitirirwa Umukumbi wa Nyagasani.

Itorero ry'i Lawodikiya ntirigeze rigira ubukene bw'amafaranga. Ryari rifite ubukungu n'amafaranga menshi cyane.

Kubw'ubutunzi bwinshi ryari rifite no kubw'ibikorwa ryakoze, byatumye ridamarara. Ntacyo bari bakenye kuko bari bafite ibyo bari bakeneye byose.

Guhondobera no kudamarara kw'itorero ntabwo bigera ku matorero akize gusa. Itorero ntirigomba kuba rikize mu mikoro kugirango ridamarare rinatakaza umurava wa kristo. Kugirango umuriro wa Kristo uzime mw'itorero, nuko ryumva rinyuzwe nibyo rifite rigahobera ubunebwe. (taylor)

Ese, itorero ryatakaje umuriro wa Kristo urivugaho iki, Urukundo no kwita ku bya Kristo? Uru rwandiko rwandikiwe itorero ry'i Lawodikiya ni ubutumwa bw'Imana kw'itorero ryatakaje umuriro waryo. Uru rwandiko rurareba amatorero yose hatitawe aho itorero riri ndetse naho riherereye. Mbese itorero ryawe ryatakaje umuriro waryo aribyo urukundo no kwita kubya Kristo? Ese, waba warakonje ugatakaza urukundo no gukurikira Kristo. Niba ariko bimeze, uru rwandiko ni urwawe!

I. UMWANDITSI W'URWANDIKO 3:14

"Uwiyita AMEN, umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye aravuga aya magambo ati:"

Yesu ni we umwanditsi w'uru rwandiko, kandi arivuga akoresha amazina atatu yo mw'ijuru.

A. Yatangiye yiyita AMEN.

Iri ni izina rikoreshwa hano gusa. Iri zina AMEN risobanura "ukuri". Ibyo Imana yavuze byose ni ukuri. 2Abakorinto 1:20 havuga kuri Yesu, "Ibyo Imana yasezeranije byose, muri we ni mo YEE iri. Nicyo gituma ari we udutera kuvuga AMEN ngo Imana ihimbazwe natwe."

Amasezerano yose dusanga mw'Isezerano rya kera yo kubabarira, n'impuhwe, n'urukundo, n'uburwaneza, n'ubuntu, n'ibyiringiro n'ubugingo buhoraho biri muri Yesu Kristo… mubuzima bwe, n'urupfu yapfiriye ibyaha no kuzuka kwe. Ni we AMEN kuko niwe usoza amasezerano yose y'Imana. (MacArthur).

B. <u>Icyakabiri, yivuga ko ari uwo kwizerwa ka Umugabo w'Ukuri.</u>

Avuga ukuri. Ni uwo Kwizerwa. Ni umugabo w'Ukuri. Ntabwo abogama. Ushobora kwizera amagambo ya Yesu. Ni we "Nzira, n'ukuri, n'ubugingo" (Yohana 14:6). (MacArthur).

C. <u>Icyagatatu, avurwa ko ari we "inkomoko y'ibyo Imana yaremye"</u>

Ibi ntibisobanura ko ari we imfura mu baremwe, nkuko bamwe babivuga mugihe bari kwigisha inyigisho z'ibinyoma. Ijambo "inkomoko" risobanura "ISOKO" ya byose itigeze iremwa. (Ladd).

Bityo, iki cyanditswe gisobanura ko Yesu niwe isoko y'ibyaremwe.

Ni Umuremyi, ntabwo yaremwe. Iki cyanditswe gisobanura ngo "Inkomoko y'ibyaremwe byose yaremwe na Yesu".

Yohana 1:3 hagira hati: "Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we."

Abaheburayo 1:2 havgira hati: "naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose ari we yaremesheje isi.

Inyigisho z'ibinyoma zihakana ko Yesu ari Imana. Bavuga ko Yesu yaremwe, bati ntabwo ari Umuremyi.

Abakolosayi 1:15-20 hagira hati, "Ni na we shusho y'Imana itaboneka ni we mfura mu byaremwe byose.

ari ibyo mw'ijuru cyangwa ibyo mw'isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe."

II. IMBURI 3:15-16

"nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka."

Muri Matayo 7:16 Yesu yavuze ati: “Muzabamenyera kumbuto zabo”. Bityo, ibikorwa nibyo bihishura ukuri rw’uko umuntu ari.

Ese, asobanura iki iyo avuga ko yifuza ko bashyuha cyangwa bakonje mucyimbo cyo kuba akazuyaze?

Kugirango usobanukirwe iki cyanditswe, ugomba kumenya ko agereranywa na n’amazi yo mu murwa w’i Lawodikiya ndetse n’indi mijyi ihegereye.

Umurwa w’i Kolosayi wari uri kubirimetero 16 kuva Lawodikiya. Urwandiko ruri mw’isezerano rishya intumwa Pawulo yandikiye i Kolosi nirwo rwitwa Abakolosayi. I kolosiya harangarwa n’amazi akonjye yatembaga aturuka mu misozi. Yari amazi amara inyota.

Hari undi murwa witwaga Herapolise wari uherereye ku birometero 8. Wagiraga amashyuza.

Abantu baturukaga imihanda yose, baza kwoga ayo mashyuza bakizera ko abakiza indwara zitandukanye z’uruhu.

Iyi mijyi yombi yari ifite amazi meza. Ariko bagombaga gushyiraho imiyoboro iyajyana mu mujyi wa Lawodikiya, bityo akahagera yabaye akazuyazi.

Umuntu wese wanywaga amazi meza akonje, maze akiyuhagira amazi ashyushe.

Amazi akomoka i Lawodikiya ntabwo yari meza cyane kuyanywa. Nti yari akonje cyangwa ngo abe ashyushe kuburyo yakiza abantu indwara zabo. (Patterson). Yari amazi mabi.

Yesu yageranyije iri torero n'amazi yakazuyazi. Bari barambiranye kuburyo Yesu yari yiteguye kubaruka.

III. Ikibazo 3:17

"Kuko avuga ati; ndi umukire, ndatunze kandi kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye, utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi kandi wambaye ubusa."

Lawodikiya yari yamamaye kubintu bitatu byingenzi bikurikira.

<u>Icya mbere, niho hari icyicyaro gikuru cya banki y'akarere.</u> Ibi bisobanura ko hari ubukungu bwinshi. Mu mwaka wa mirongo itandatu na rimwe mbere y'ivuka rya Kristo, habayeho umutingito. Bari bihagije mubukungu kuburyo batigeze bakenera ubutabazi buturuka i Roma bwo gusana ibyangiritse mu murwa. Kandi bari bafite inzu mbera byombi, n'urubuga rw'imikino, ndetse nahakorerwa ubugorora ngingo. (Welton).

Uko, iki cyanditswe kivuga ko batekerezaga ko batunze, ariko ntibayoborwaga n'Umwuka Wera. Bari bakennye mu mitima. Mubuzima bwabo, bumvaga ntabufasha bundi bakeneye.

Icya kabiri, Bari abahanga ku bijyanye n'amashuri y'ubuvuzi yitwaga "Phrygian powder" iyi yari ifu yakoreshyaga mugukora imiti y'amaso. (Ladd).

Abantu bakoraga urugendo mu butayu by'umusenyi izuba ribarasiyeho, umuyaga nawo ugahuha cyane, bakingizaga amaso yabo ibiganza kugirango bayarinde. Mubyukuri, bari impumyi mu buryo bw'umwuka.

<u>Icya gatatu, bari bazwiho kugira ubudodo bw'umukara</u> bukorwamo imyenda n'ibirago. Nyamara iki cyanditswe kivuga ko bari bambaye ubusa muburyo by'Umwuka.

Itorero ntiryari rifite ubumenye bwuzuye kubijyanye n'ubuzima bwabo bwo mu Mwuka.

IV. IMBURI 3:18-20

<u>Imburi yambere tuyisanga kumurongo wa 18</u> hagira hati: "Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugirango wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke."

Yesu yababwiye kugura ibintu bitatu: Izahabu, n'imyenda year, n'umuti wo gusiga ku maso.

Icyambere: bakeneye izahabu yatunganirijwe mu ruganda. Izahabu isobanura ubutunzi bwa'Agakiza.

Icya kabiri: bagomba kugura imyenda yera. Iki ni ikimenyetso cy'imirimo myiza iherekeza agakiza. Gukizwa ntibiterwa n'imirimo myiza, ariko imirimo myiza izaba imbuto z'agakiza twakiriye.

Icya gatatu: Kristo yabahaye umuti wo gusiga ku maso kugirango bahumuke. Bari bakeneye guhumuka rwose no kurinda amaso yabo. (MacArthur).

<u>Imburi ya kabiri iri ku murongo wa 19</u> hagira hati: "Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane."

Zirikana ko yakoresheje amagambo yo "gucyaha no guhana." Uku si ugucyaha kubabaza. Ijambo guhana risobanura "kuyobora, gutoza no gukosora". (Patterson). Ni nko gukosora umwana mugihe yakoze ikosa kugirango akore ibitunganye. Ibyo ubikorera umwana kuko umukunda. Yesu avuga ayo magambo kuko akosora abo akunda.

Ababeburayo 12:5 hagira hati: "Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, Kandi ntugwe isari nagucyaha. Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be."

<u>Imburi yagatatu tuyisanga kumurongo wa 19</u> hagira hati bihane. Kwihana gusobanura "guhindukira". Mugihe umenye ko wayobye icyerekezo, ugahindukira ukoreshe umwete vuba na bwangu, ukagana mukindi cyerekezo.

<u>Imburi ya kane tuyisanga kumurongo wa 20</u> hagira hati: "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire."

Yesu yanenzwe n'Abafarisayo kubwo gusangira n'Abanyabyaha. (Luka 15:2). Petero yanenzwe kubwo gusangira n'Abanyamahanga. (Ibyakozwe n'Intumwa 11:3).

Kuki banenzwe? Kuko kujya mu rugo rw'umuntu bagasangira nawe, byari ikimenyetso cy'ubushuti bukomeye.

Ubusabane hagati ya Yesu n'Itorero bwarasenyutse. (Patterson).

Ubu, tubona Kristo ahagaze kurugi akomanga. Ashaka kwinjira imbere, maze asane ubusabane n'umubano.

Cyakora, ntazigera yinjira kugahato. Ategereje ubutumire. Hagize uwukingura, nawe azinjira.

Namara kwinjira, azagirana ubusabane bwihariye n'uwamwemereye kwinjira mu bugingo bwe. Kubwi byo, birasaba ko itorero ryose ryemerera Yesu yinjire mu bugingo bwabo kugirango Abakangure mu kwizera. Batandukiriye ku Uwiteka. None arahamagara ngo bamugarukire.

V. UBUTSINZI 3:21

Iki cyanditse kivuga ngo: "Unesha nzamuha kwicyarana nanjye ku ntebe yanjye y'Ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye."

Ni ngombwa kumenya ko Kristo yicyaye ku ntebe ye y'Ubwami. Niwe Mesiya. Araganje. Nagaruka azashira abanzi be bose munsi y'ibirenge bye. 1 Abakorinto 15:25 hagira hati: "Kuko akwiriye gutegeka kugeza aho azashyirira abanzi be munsi y'Ibirenge bye.

Gusoza:

Umurongo wa 21 ni isezerano rya Yesu. Muri izi nzandiko zirindwi, Yesu yatanze amasezerano menshi.

2:7-Yasezranye uzanesha igiti cy'ubugingo.

2:10-Yasezeranye ikamba ry'ubugingo.

2:11-Yasezeranye kurindwa urupfu rwa kabiri

2:17-Yasezeranye ibuye ryera ryanditsweho izina rishya.

2:26-27-Yasezeranye ubutware bwo gutwara amahanga yose.

2:28-Yasezeranye inyenyeri yo mururuturuturu.

3:5-Yasezeranye imyenda yera nk'ikimenyetso ubutungane no kwera.

3:5-Yasezeranye icyubahiro cyo kwaturira amazina yabo imbere ya Data n'Abamarayika be mw'ijuru.

3:12-Yasezeranye kugirwa inkingi yo mu rusengero ry'Imana.

3:12-Yasezeranye kwandikwaho izina rw'Imana, n'irya Yeruzaremu shya, n'irya Kristo. (MacArthur).

Urwandiko rusoza rugira ruti: "Ufite ugutwi niyumve icyo Umwuka abwira amatorero".

Iri ni itegeko tugomba kwumvira! Twebwe itorero, umubiri wa Kristo twahawe byinshi kubwo ubuntu bwe ubwo yadunshunguje amaraso ye.

Yesu yapfiriye ibyaha byacu. Yashizwe mumva. Yazutse mubapfuye ku munsi ugira gatatu. Ubu ni muzima. Ashaka gutura mu mitima yacu. Kandi ashaka gutegeka ubugingo bwacu.

Yaduhaye Umwuka Wera kugirango atuyobore kandi aduhumurize. Yaduhaye ijambo rye ariryo kuri, ko azadukiza urupfu n'ikuzimu. Yaduhaye amasezerano menshi.

Iki ni igihe cyo gukanguka kuva mu bitotsi byacu. Garukira uwiteka. Dukingure imiryango y'imitima yacu ayitegeke. Iki ni igihe cyo kumva icyo Umwuka Wera atubwira maze tukabishira mubikorwa.

Ikibazo ni iki: "Mbese, uzamwumvira, kandi umwubahe ndetse unamukurikire mu bwizerwa kugeza igihe uzapfa?"

Niba utari wakira Kristo mu bugingo bwawe, ushobora kubikora ubu none aha. Hamagara Kristo mu bugingo bwawe akuyobore akubere Umwami n'Umukiza.

IGICE CYA 8

INTEBE Y'ICYUBAHIRO Y'IMANA

IBYAHISHUWE 4:1-5:14

Ni ikihe gisubizo cyo kubona itorero ry'Imana rizima? Ni ikihe gisubizo cyo kubona abantu b'Imana bagira ububyutse bwo mu mwuka bubashoboza kwinjira mu gihe cy'isarura rikomeye ry'imitima yazimiye, ikagarukira Kristo?

Igitabo cy'Ibyahishuwe cyanditswe kungoma y'Abaroma iyoborwa n'uwitwaga Domisiyani. Yari intagondwa. Ntiyagiraga impuhwe. Yatoteje Abakristo kuburyo bukomeye cyane. Abakristo bari mukaga gakomeye cyane.

Imana ivuga ko intebe yayo ntizigera inyeganyezwa na Domisiyani cyangwa n'undi wese ukoreshwa n'imbaraga z'umwijima. (Summers).

Byumwihariko, umwanditsi w'iki gitabo agaragaza cyane igisubizo cy'ububyutse bw'Itorero mugice cya 4 na 5 mugitabo cy'Ibyahishuwe. Muri ibi bice tubona kurabagirana kw'ijuru n'intebe y'Ubwami y'Imana.

Iyo turebye muri ibi bice tubona ibyiringira biri muri Kristo. Tubona kuramya nyakuri. Tubona ko igisubizo gikwiye cy'ububyutse bwo mu mwuka, ni ukugarukira Uwiteka no gukora ibyo abakiranutsi bakora nkuko tubibona muri iki gice. Itorero ribikoze, habaho ububyutse butigeze buba kw'isi.

Muri Bibiliya tubona abantu babiri gusa bagiye mw'ijuru badapfuye, bakagaruka. Abo n'Intumwa Pawulo na Yohana.

Intumwa Pawulo avuga uko byamubayeho mu 1Abakorinto igice12. Atangira avuga ko yageze mw'ijuru rya gatatu, ariko yabujijwe icyo abivugaho. (1Abakorinto 12:4).

Intumwa y'Imana Yohana abivuga mu gice cya 4 no mu gice cya 5. Aho Yohana atandukaniye na Pawulo, n'uko we abivuga uko yabibonye ubwo yasuye mw'ijuru akabona uburyo Yesu imfura yo kuzuka ahabwa icyubahiro.

Bibiliya ivuga ijambo ijuru inshuro zirenga 500. Yohana abisobanura neza kurushaho. (MacArthur).

Yohana yabonye “urugi rukinguye” yemererwa kwinjira mw’ijuru. Maze yumva “ijwi rirenga nk’iry’impanda”. Iri ryari ijwi rya Yesu.

Ijwi rimubwira riti: “Zamuka uze hano nkwereke ibikwiriye kuzabaho hanyuma y’ibyo.” Ishingiro ry’iri yerekwa ni INTEBE Y’UBWAMI Y’IMANA. Intebe y’Ubwami y’Imana niyo ntego nyamukuru y’iri yerekwa. Intebe y’Ubwami y’Imana ivugwa inshuro 11 mu gice cya kane. (MacArthur).

Yahana ari busobanure Intebe itangaje y’Ubwami bwo mw’ijuru aho Imana igaragara n’ubwiza bwe buhebuje. Imana igaragara izengurutswe n’abo mw’ijuru bose. Igoswe n’abakuru bo mw’ijuru bose bicyaye bategereje kureba ibiba byose mbere y’uko umunsi w’imperuka ugera. (Patterson).

N’ubwo kw’isi hakomeza gukorwa ibibi byinshi, tugomba kumenya ko Imana iri kuntebe yayo y’Ubwami. Ukuri kudakuka n’uko mu bikorwa byose hano kw’isi, Imana Iri kuntebe yayo y’Ubwami, kandi Itegeka Isi n’ibiyuzuyemo. (Ladd)

Igitekerezo nyamukuru cy’umwanditsi w’iki gitabo, agaragaza ko URUFUNGUZO rw’ububyutse ni uguhanga amaso Intebe y’Ubwami y’Imana, no Kumuramya We wicyaye kuntebe Ye y’Ubwami. Itorero ribashije kumva icyo Umwuka Wera avuga, rikihana, rikagarukira Uwiteka wicyaye ku ntebe Ye, rikamuramya mu kuri, bityo ububyutse bwo mu Mwuka buzaza tubureba mu buryo tutigeze tubona.

Reka turebe ibigaragaza ukuri kubijyanye n'Intebe y'Ubwami y'Imana.

I. **INTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (umurongo wa 2a).**

Umurongo wa kabiri ugira uti: "Muri ako kanya mba mu Mwuka. Nuko mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru".

Intego yiri yerekwa yari "intebe y'Ubwami y'Imana". Iyi ntebe isobanura Ubutware n'Ububasha, n'Imbaraga. Bityo, uwicyaye kuri iyi ntebe ni Umutware w'ibiriho byose. Afite imbaraga zose. N'Ububasha bwose. Niwe ukwiye gupfukamirwa kandi ni we Mana wenyine.

Ingoma ye ntizahanguka. (MacArthur).

II. KU NTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (4:2b-3a)

Iyi mirongo ibiri igira iti: "Muri ako kanya mba mu Mwuka. Nuko mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru, <u>mbona n'Uyicayeho.</u>

<u>Uwari uyicayeho</u> yasaga n'ibuye ryitwa yasipi n'iryitwa sarudiyo".

Uwari uyicayeho bivugako ari we utegeka. (MacArthur)

Ni inde wicaye kuntebe y'ubwami? Ntabwo avuga uwo ari we, ariko ni YESU wari uyicayeho.

Yesaya 6:1 havuga ngo: "Nabonye Umwami Mana yicaye ku ntebe y'ubwami ndende ishyizwe hejuru, igishura cyayo gikwira urusengero".

Zaburi 47:9 hagira hati: "Imana yicaye ku ntebe yayo YEAR".

Ibyahishuwe igice 21:11 hasobanura ko ysipi "ibonerana nk'isarabwayi".

Iri buye rigereranwa na diyama. Ibuye ryitwa sarudiyo risa n'umutuku

ubengerana, rifite ibara ry'amaraso, rigaragaza ubwiza bw'Imana.

(MacArthur).

III. AHAKIKIJE INTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (4:3b-4)

Uyu murongo ugira uti: "kandi umukororombya wari ugose iyo ntebe usa na simaragido. Iyo ntebe yari igoswe n'izindi ntebe makumyabiri n'enye. Kuri izo ntebe mbona abakuru makumyabiri na bane bicayeho bambaye imyenda year, no ku mitwe yabo bari bambaye amakamba y'izahabu."

Avuga ko hari "umukororombya wari ugose iyo ntebe". Umukororombya usa na simaragido. Simaragido isa icatsi kibisi kandi niryo bara ryiganje muyandi mabara. Mugitabo cy'Itangiriro 9:13-17 hasobanura ko umukororombya ni ikimenyetso cy'uko Imana ari iyo kwizerwa kandi izasohoza amasezerano yayo.

<u>Kandi yabonye iyo NTEBE igoswe n'izindi ntebe makumyabiri n'enye.</u> Kuri izo ntebe hari hicayeho abakuru makumyabiri na bane. Bose bari bambaye imyenda yera, no ku mitwe yabo bari bambaye amakamba y'izahabu.

<u>Ibara ryera risobanura ugukiranuka kwa Kristo.</u> Arera. Nta cyaha na kimwe yakoze. Ni intungane. Iyo umuntu yakiriye Kristo, atereka ugukiranuka muri uwo muntu.

Bityo, ubwo Imana izatureba kuri wa munsi w'urubanza, nta cyaha idusangana mu mitima yacu. Idusangana gukiranuka kwa Kristo uba muri twe. Ntidushobora kwishoboza gukiranuka. 1Yohana 5:12 hagira hati: "Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo". Kuki? Kuko gukiranuka kwa Kristo kuri mu mitima yacu. Uku gikiranuka si ukwacu, kuko twebwe ubwacu ntitwabasha gukiranuka.

Tuzajya mu ijuru tubishobojwe no gukiranuka kwa Kristo kuri mu mitima yacu. Kristo yashi gukiranuka mu mitima yacu kubwo ubuntu bwe, si uko twari tubikwiye. Twakijijwe kubwo ubuntu.

Ibyo bisobanura ko tutari dukwiye guhabwa agakiza, ariko yadukunze aduha agakiza kuko yapfiriye ibyaha byacu ku musaraba. Yabaye impongano y'ibyaha byacu.

Bityo, ukiranuka yapfuye mucyimbo cyacu twebwe abakiranirwa. Nuko, iyo umuntu yakiriye Kristo mu mutima we, aba ahaye umwanya ugukiranuka kwa Yesu Kristo mu mutima we.

Kandi aba yambitse abakuru makumyabiri na bane amakamba y'izahabu ku mitwe yabo. Nta muntu uzi neza icyo aba bakuru makumyabiri na bane bahagarariye.

Cyakora, tuzi ko ikamba ari igihembo gihabwa abanesheje begukanye itsinzi. Ni Abatsinzi. Ibyahishuwe 2:10 havgira hati: "Ujye ukiranuka uzageze ku gupfa, nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo."

II Timoteyo 4:8 hagira hati: "Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, umucamanza utabera azampa kuri urya munsi, nyamara si jye jyenyine, ahubwo ni abakunze kuzaboneka kwe bose."

Ikamba rizahabwa abatsinze bose. Abakijijwe by'ukuri nibo bazatsinda, kandi buri umwe wese azahabwa ikamba mu ijuru.

Aba bakuru makumyabiri na bane bashobora kuba bahagarariye abamalayika mu ijuru. Imyenda yera, ni imyambaro y'abamalayika (Yohana 20:12, Matayo 28:3, Ibyakozwe n'Intumwa 1:10, Mariko 16:5).

Abamalayika bazaba bahari bakurikirana uko Imana ica imanza. Hano bagaragara baramya Imana kuko iri hafi gushiraho iherezo rya byose, Azacira urubanza urupfu, maze agororere abakiranutsi. Baramya Uhoraho baka muhimbaza ku bwo gucungura umwana w'umuntu. (Ladd)

IV. IBITURUKA KU NTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (4:5a)

Uyu murongo uvuga uti: "kuri ya ntebe y'ubwami haturukaga imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba".

Ibi bisobanura ubutware na ubwiza biboneka mu kubaho kw'Imana (Ladd).

Ibyahishuwe 8:5 havuga ngo: "Nuko marayika ajyana icyo cyotero acyuzuza umuriro wok u gicaniro akijugunya mu isi, hakurikiraho amajwi avuga n'inkuba zihinda, n'imirabyo n'igishyitsi."

Ibyahishuwe 11:19 hagira hati: "Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduka y'isezerano ryayo, habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, n'igishitsi n'urubura rwinshi.

V. IMBERE Y'INTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (5b-6a)

Iyi mirongo ivuga ngo: “kandi amatabaza arindwi yaka umuriro yamurikaga imbere yiyo ntebe. Ayo matabaza niyo Myuka irindwi y’Imana. Imbere y’iyo ntebe hariho igisa n’inyanja y’ibirahuri isa n’isarabyayi;”

Mbese, Yohana yabonye iki ubwo yarebaga intebe y’ubwami?

Icya mbere, amatabaza arindwi yaka umuriro. Yari ameze ka amatoroshi acyanye ibirimi by’umuriro. Akomeza avuga ko ari yo Myuka irindwi y’Imana ari nayo Mwuka Wera.

“Abona ibigize Umwuka Wera. Umwuka Wera ni umwuka w’ubwenge n’uw’ubuhanga, umwuka wo kujya inama n’uw’imbaraga, umwuka wo kumenya Uwiteka n’uwo kumwubaha.” Yesaya 11:2.

Ibi nibyo bigaragaza Umwuka Wera (MacArthur).

<u>Icya kabiri, yabonye inyanja y’ibirahure.</u>

Ubusobanuro bunoze bw’inyanja y’ibirahure, ni ishusho y’ubutware ndetse no kubaho kw’Imana (Ladd)

Ibyahishuwe 15:2-3 hagira hati: “mbona igisa n’inyanja y’ibirahuri bivanze n’umuriro, mbona n’abatabarutse banesheje ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo n’umubare w’izina ryayo, bahagaze kuri iyo Nyanja y’ibirahuri bafite inanga z’Imana, baririmba indirimbo ya Mose imbata y’Imana n’indirimbo y’Uwiteka”.

Amateka y’iyi mirongo iri mu isezerano rya kera. (Ladd)

Kuva 24:10 hagira hati: “munsi y’ibirenge byayo hameze nk’amabuye ashashwe ya safiro ibonerana, ihwanye n’ijuru ry’umupyemure ubwayo.”

Mu iyerekwa rya Ezekiyeli, “Hejuru y’umutwe w’ikizima hari ikimeze nk’ijuru gi sa n’ibirahuri biteye ubwoba, bibambwe

hejuru y'imitwe yabyo… kandi hejuru y'ikirere cyari hejuru y'imitwe yabyo hari igisa n'intebe y'ubwami". (Ezekiyeli 1:22, 26).

VI. HAGATI NO KUZENGURUKA INTEBE Y'UBWAMI (4:6b-8)

Iyi mirongo igira iti: "kandi hagati y'iyo ntebe no kuyizenguruka hari ibizima bine byuzuye amaso imbere n'inyuma.

Ikizima cya mbere cyasaga n'intare, icya kabiri gisa n'ikimasa, icya gatatu cyari gifite mu maso hasa n'ah'umuntu, naho icya kane cyasaga n'ikizu kiguruka.

Iki cyanditswe kivuga ibizima bine bizengurutse intebe y'ubwami. Byari byuzuye amaso impande zose no munda. Byari bifite amababa atandatu atandatu.

Amaso asobanura, kureba hose no kuba maso buri gihe ndetse no ubutasi butagira imbibi (Ladd).

Ibi biziba bine bifite imitwe itandukanye.

Kimwe gisa n'intare. Asobanura imbaraga no gukomera.

Icyakabiri gisa n'ikimasa. Bisobanura amatungo n'umurimo.

Icya gatatu cyari gifite mu maso hasa n'ah'umuntu. Ubwiza ndetse n'impamvu y'ibyaremwe.

Icya kane cyasaga n'ikizu kiguruka. Gisobanura kugururuka no kwihuta kw'ibyaremwe.

Bisobanura ibintu bibiri:

Icya mbere, bisobanura abamarayika. Ezekiyeli nawe yagize iyerekwa ryenda gusa n'iryo Yohana yagize; muri Ezekiyeli 1:4-25. Ezekiyeli 1:15 hagaragaza neza: "Umuyaga w'ishuheri

uje. Nitegereje mbona ari ibizima nabonye kumugezi w'ikeriba". Abamarayika bahamirizwa na Bibiliya.

Adamu na Eva bakimara gukora icyaha, Imana yabirukanye mu ruhande rw'iyo ngobyi yo muri Edeni, maze ishiraho Abakerubi n'inkota yaka umuriro, barinda iyo ngobyi kugirango batayigarukamo. (Itangiriro 3:24).

Ibishushanyo bibiri by'abakerubi bikoze mu biti by'umwelayo byashizwe ahera ha hera (Hitwa ahera cyane). Ibi byari ikimenyetso cyo kwera kw'Imana"(1Abami 6:23-29) (MacArthur).

Icya kabiri, bisobanura ibyaremwe byose bifite ubuzima: Inyamaswa z'inkazi, n'Amatungo, Ikiremwa muntu ndetse n'ibiguruka. (Ladd).

VII. KWEGERA INTEBE Y'UBWAMI Y'IMANA (4:8-5:14)

<u>Ibyaremwe byose</u> bifatanyiriza hamwe kuramya biririmba ku murongo wa munani, "UWERA, UWERA, UWERA, NI WE MWAMI MANA ISHOBORABYOSE, NI YO YAHOZEHO KANDI IRIHO KANDI IZAHORAHO".

Biramuramya kuko ari we UWITEKA. Biririmba indirimbo: "WAHOZEHO, KANDI AZAHORAHO".

Ibyaremwe byose biriho kubushake bw'isumba byose Imana (Ladd).

Abamarayika n'ibizima bihimbaza Yesu, n'abakuru makumyabiri na bane bagafatanya kuramya. Bikubita hasi imbere ya Yesu wicaye kuri ya ntebe y'ubwami.

Abamarayika n'abakuru makumyabiri na bane bafatanya hamwe baramya mu bumwe, bakubita hasi amakamba yabo imbere ya Yesu.

Umurongo wa cumi ugira uti: "ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'iyicara kuri iyo ntebe, bakaramya lhoraho iteka ryose, bakajugunya amakamba yabo imbere y'iyo ntebe bavuga bati,"

"MWAMI WACU, MANA YACU, UKWIYE GUHABWA ICYUBAHIRO NO GUHIMBAZWA N'UBUTWARE KOKO, KUKO ARI WOWE WAREMYE BYOSE. IGITUMA BIRIHO KANDI ICYATUMYE BIREMWA NI UKO WABISHATSE."

Kuramya Yesu kuko ari we <u>umwana w'intama</u> w'lmana bikomeza mug ice cya gatanu.

lgice cya 5:9-10 hagira hati: "Nuko baririmba indirimbo nshya bati":

NI WOWE UKWIYE KWENDA IGITABO NO KUMENA IBIMENYETSO BIGIFATANYIJE, KUKO WATAMBWE UGACUNGURIRA IMANA ABO MU MIRYANGO YOSE NO MU NDIMI ZOSE, NO MU MOKO YOSE NO MU MAHANGA YOSE UBACUNGUJE AMARASO YAWE, UKABAHINDURIRA IMANA YACU KUBA ABAMI BAZIMA MU ISI".

<u>Abamarayika bateranira hamwe</u>

Umurongo wa 11-12, n'ijwi rirenga

"UMWANA W'INTAMA WATAMBWE NI WE UKWIYE GUHABWA UBUTWARE, N'UBUTUNZI N'UBWENGE N'IMBARAGA, NO GUHIMBAZWA N'ICYUBAHIRO N'ISHIMWE!"

Hano tubona uburyo burindwi bwo kuramya Yesu nk'umwana w'INTAMA.

<u>Icya mbere, IMBARAGA.</u> Imbaraga zo mw'isanzure zose zikubita imbere y'Umwana w'Intama w'Imana zituruka ku Mana.

<u>Icya kabiri, UBUTUNZI</u>. Umwana w'Intama w'Imana akwiye ubutunzi bwose.

<u>Icya gatatu UBWENGE</u>. Ubwenge bwose bwahawe ibyaremwe, buzamugarukira.

<u>Icya kane, IMBARAGA</u>. Imbaraga zose ibyaremwe bifite, zaturutse ku Mwana w'Intama w'Imana.

<u>Icya gatanu, ICYUBAHIRO</u>. Icyubahiro bisobanura kubaha. Umwana w'Intama w'Imana ni we Nyakubahwa mukuru.

<u>Icya gatandatu, UBWIZA</u>. Kristo yahawe ubwiza kuko niwe mucunguzi, Umwana w'Intama w'Imana.

<u>Icya karindwi, UMUGISHA</u>. Irindi jambo risobanura "umugisha", ni "ishimwe". Bisobanura ko ari "kwatura umugisha ku bandi". (Easley).

<u>Ibyaremwe byose by'ishira hamwe.</u>

Umurongo 13-14, hakomeza "Ibyaremwe byose mw'ijuru no mw'isi no mu Nyanja, nibirimo byose, numvise byose bivuga":

KURI WE WICAYE KU NTEBE Y'UBWAMI, NO KU MWANA W'INTAMA W'IMANA, UMUGISHA N'ICYUBAHIRO, N'UBUTWARE BIBE IBYE ITEKA RYOSE".

"Kandi ibizima bine bihora bivuga, "Amen." N'abakuru makumyabiri na bane bikubita hasi baramya."

GUSOZA:

Urufunguzo rw'ububyutse ni uruhe? Kwiga kuri aya matorero arindwi yo mu Byahishuwe ndetse ni igice cya 4-5, igisubizo kiri mu buryo butatu:

1. Tega amatwi ijwi ry'Umwuka Wera. Mwumve kandi umwumvire.
2. Ihane uhindukirire Uwiteka rwose. Tugomba kumwegurira byose we wenyine UMWAMI MANA.
3. Muramye!

Umwuka Wera adufasha kwihana no kuramya, bikazana ububyutse mu mitima no mw'itorero!

Mbese wagarukira Uwiteka none? Mbese, uzumvira Umwuka Wera?

Mbese, uzakorera Imana unaramye Yesu?

Ese, uzajya uririmbana n'Abera, n'ibindi byarremwe Imana yaremye buri gihe, abo mu moko yose, Indimi zose, Abantu bo mu Bihugu byose muvuga muti "Ni Wowe ukwiye…?

Urakwiye! Urakwiye, Mwami Yesu! Mwami YESU, ni wowe ukwiye!